Icyizere

Ikinyamakuru cya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) N°10, 15 Mata -15 Gicurasi 2011

Icyumweru cy'icyunamo cyasojwe no kwibuka abanyapolitiki bazize Jenoside yakorewe Abatutsi bashyinguye ku rwibutso rwa Rebero

Abayobozi bakuru bifatanyije n'Abanyarwanda mu muhango wo gusoza icyumweru cy'icyunamo.

Icyumweru cy'icyunamo no kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 17 cyari cyatangijwe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame ku itariki ya 7 Mata 2011, cyasojwe no kwibuka abanyapolitiki bazize Jenoside yakorewe Abatutsi bashyinguye ku rwibutso rwo ku i Rebero. Insanganyamatsiko yagiraga iti : "Dushyigikire ukuri, twiheshe agaciro." Icyo cyumweru cyaranzwe n'ibikorwa bitandukanye byo kwibuka birimo ibiganiro byatanzwe, amafilime yerekanywe, ibikorwa byo gusura no gusukura inzibutso, ibijyanye no gufasha abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi gucyemura ibibazo by'imibereho no kubihanganisha.

Umuhango wo gusoza icyumweru cy'icyunamo wabaye tariki ya 13 Mata witabirwa n'Abayobozi mu nzego zinyuranye za Leta, abihaye Imana ndetse n'imiryango y'abafite ababo bashyinguye aho kurwibutso rwa Rebero, umuhanzi w'umuhanga Kizito Mihigo ndetse n'abandi bahanzi bo mu Rwanda n'abaturage bo mu Mujyi wa Kigali.

Urwibutso rwa Jenoside rwa Rebero ruherereye mu Karere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali. Insanganyamatsiko y'Urwibutso rwa Rebero ni: "DUHARANIRE IMIYOBORERE MYIZA". Niho hashyinguye kandi bamwe mu bari abayobozi mu mashyaka atandukanye bazize Jenoside. Muri uru rwibutso hashyinguye muri rusange inzirakarengane zirenga 14,400.

Asoza iki Cyumweru cy'icyunamo, Perezida wa Sena, Dr Vincent Biruta wari Umushyitsi Mukuru yashimiye Abanyarwanda bose n'inshuti z'u Rwanda bagize uruhare mu bikorwa byose byari biteganyijwe mu

komeza ku rup. 2

IBINDI BIRIMO

Ku i Rebero, bunamiye abahoze ari abanyapolitiki.....urup2

Abo basize bazusa ikivi.. .....urup3

No mu Bushinwa baributse.....urup9

Muri Amerika , bibutse bari kumwe n'abaturutse mu Rwanda Urup11

I Nyarubaka muri Kamonyi, ahashyinguye inzirakarengane.....Urup.15

Ijambo ry'Ibanze

Twibuke abacu bazize Jenoside duhaicyizerekirambye abasigaye

Twibuke abacu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi ariko tujye tunibuka abasizwe iheruheru nayo, babandi bapfuye bakanga gupfa, maze Imana ikabarambikakaho ibiganza, ubu bakaba bagitera akuka.

Mu gihe cyo kwibuka muri cya cyumweru cyangwa muri ya minsi ijana abatutsi baboneyemo akaga, ibigo bya Leta, ibigo byigenga ndetse n'abantu ku giti cyabo, bakunze kujya hirya no hino gusura ahashyinguye inzirakarengane bakabasengera, akenshi bakagira icyo basigira urwibutso kugira ngo, yaba uhakora isuku cyangwa urinda iyo mibiri agire icyo ahembwa. Hari n'abatera intambwe bakareba ahubatse umudugudu hafi aho y'urwibutso, maze bakababaha utwangombwa tw'ibanze, nk'amasabuni yo kumesa nayo kwoga, umuceli, isukari n'utundi tuntu two kubafasha mu gihe gicirirtse. Ibi ni byiza ababikora ni abo gushimwa. Uyu niwo mutima uzirikana. Ni wo mutima ukunda ; kuko ari byiza ko abacu bagiye tukibashaka bashyingurwa mu cyubahiro. Ni nako kubaha agaciro kandi tukibuka ko n'abariho bakeneye icyizere cyo kubaho. Ariko icyizere duha abariho, ni icy'igihe gito. Ni ik'igihe kitarambye. Ni icyo muri ya minsi ijana.

Hari n'abavuga ko babaho muri iyo minsi yo kwibuka. Ibiba byatanzwe nabyo biba bikenewe. Ariko birashira bagasubira uko bari bameze ndetse hari n'abasubira inyuma kubera ko biba byabahugije. Ni mucyo rero dutere intambwe, cyangwa se dutere ibitambwe, duhe icyizere kirambye ziriya nshike zasigaye zo nyine, wa mupfakazi wasigaranye utwana ubu tukaba tumugoye, duhe icyizere ya mpfubyi yasigaye yonyine ubu ikaba yibana. Nk'urugero rwiza abantu bakwiye gufatiraho, ni nk'urwa Banki ya Kigali (BK) yagiye mu murenge wa Bumbogo ho mu Karere ka Gasabo ahitwa i Nkuzuzu. Aha hari hatuye Abatutsi benshi baricwa hasigara abapfakazi n'impfubyi zidafite uko zimeze. Aba babagabiye inka zigera kuri 11 za Kijyambere (inzungu). Ni kimwe n'Isanduku y'ubwiteganyirize bw'Abakozi (Caisse Sociale) nayo yahaye inka 20 impfubyi n'abapfakazi b'Imbazi mu Karere ka Huye. Aha (C.S.R)yari imaze kubaririza niba nta muntu n'umwe waba yarasigajwe na Jenoside yakorewe Abatutsi akaba yarabitsaga muri "Caisse Sociale". Uyu mu Murenge wose yarabuze, habura n'akana byibura kaba kari gafite se wari umwarimu, umuganga cyangwa se umugoronome, kandi tuzi ko Umurenge w'ubu ujya kungana n'Akarere ko ha mbere. Barapfuye rero barashira abari abakozi ba Leta ndetse n'aba bakomokaho. BRD nayo yatanze inka zigera kuri 15 mu Karere ka Rwamagano mu mudugudu w'Abapfakazi ba Muyumbu ahahoze ari muri Bicumbi kwa Semanza wabiciye kubamara.

Hari n'abandi nka SORAS yatanze ku Mugina wa Jenda na Kabugondo, ahari Abatutsi benshi bari bafite icyizere cyo kubaho kubera Burugumesitiri wabo wari wakumiriye ibitero nyuma nawe akaza kwicwa maze interahamwe zikabiraramo. Iyi rero niyo nkunga irambye ni nawo murongo dukwiye gufata kuko izi nka zororoka.

Uretse kunywa amata yazo, babona n'agafumbire bashyira mu mirima. Si nicyo gusa umudugudu w'abantu 20 cyangwa 30, mu myaka 3 cyangwa ine inka zizaba zabakwiriye buri wese agiye agabira undi. Hari n'abavuga ko bariya basaza cyangwa abakecuru, inka ibabuza kwigunga. Arazinduka akayicanira, agakurura utwatsi akayiha cyangwa agashaka inkuyu akayihanagura, akayivugisha, akayiganiriza bigatuma agira ibakweiminsi ikicuma. Ngaho rero, iki nicyo cyizere kirambye kuko mu mwaka cyangwa ibiri wamuntu aho wamusize ushobora gusanga atariho akiri, wasanga yarateye intambwe igana imbere. Twunge mu ry'abo rero, duhe icyizere kirambye abacitse ku icumu batishoboye.

Gasasira Gaspard

Icyizere

P.O Box 7035 KIGALI
Toll Free: 3560
E-mail : cnlg@rwanda1.com

Icyumweru cy'icyunamo cyasojwe no kwibuka abanyapolitiki bazize Jenoside yakorewe Abatutsi bashyinguye ku rwibutso rwa Rebero

Nyakubahwa Dr Biruta Vincent, Perezida wa Sena (imbere) yunamiye intwari z'abanyapolitiki bashyinguye ku rwibutso rwa Rebero.

Ibikurikira urup 1

cyumweru cy'icyunamo, mu Rwanda no mu mahanga. Yashimiye kandi ubutumwa bwo kwihanganisha abanyarwanda bwagiye bwoherezwa n'ibihugu by'inshuti n'imiryango mpuzamahanga.

Kwibuka biduha umwanya wo kuzirikana amateka

Perezida wa Sena yagize ati "*Nkuko Jenoside atari ikintu gisanzwe, kuzira Jenoside ntibibe urupfu rusanzwe, kwibuka Jenoside na byo si umuhango gusa*". Yakomeje avuga ko Kwibuka bifite akamaro ku gihugu n'abagituye, ko Kwibuka biduha umwanya wo gusubiza agaciro abazize Jenoside no kwisubiza agaciro nk'Abanyarwanda; kwibuka biduha umwanya wo kuzirikana amateka mabi yacu no gushimangira ingamba zo guhangana n'ingaruka zasizwe na Jenoside ndetse no guharanira ko Jenoside itazongera ukundi. Kwibuka kandi ni umwanya wo kongera kwiyemeza guhangana n'abahakana n'abapfobya Jenoside mu buryo ubwo ari bwo bwose, baba bagamije guhisha uruhare rwabo muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda, baba bagamije kwikuraho ipfunwe ryo kuba ntacyo bakoze kugira ngo babuze cyangwa bahagarike Jenoside n'ibindi.

Isengesho ryo gutangiza imihango ryayobowe na Musenyeri Mbonyintege Smaragde.

Perezida wa Sena yasoje icyumweru cy'icyunamo ashimira kandi abateguye icyo cyumweru cy'icyunamo, abitabiriye ibikorwa bitandukanye byo kwibuka, abatanze ibiganiro, abahanzi bafashije guherekeza ibyo bikorwa byose, n'abanyarwanda muri rusange ku ruhare bagize kugirango iki cyumweru kizihizwe neza.

Mu ijambo rye, minisitiri w' Urubyiruko unafite Umuco na Siporo mu nshingano ze, yatangaje ko ibimaze kugerwaho ari byinshi ariko hakiri inzira ndende kuko byagaragaye ko hari abagifite ingegabitekerezo ya Jenoside ndetse bamwe muri bo bakaba bavuga amagambo yo gukomeretsa

komeza ku rup 3

ICYIZERE ni ikinyamakuru cya
Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside

Umwanditsi Mukuru:
Gaspard Gasasira

Umwanditsi Mukuru Wungirije:
Antoine Rwagahirima

Ushinzwe Maquette:
Kanzayire Gertrude

Inama y'ubwanditsi:

Bideri Diogène,
Gasasira Gaspard,
Kanzayire Gertrude,
Karengera Ildephonse,
Ndahigwa J.Louis,
Nzabamwita Rahim,
Rutagengwa Philibert,
Ruzindaza Jean,
Rwagahirima Antoine,
Urujeni Solange.

ITANGAZO

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside irakangurira Ibigo bya Leta, Ibigo bitegamiye kuri Leta, Ibigo by'Abihayimana n'Imiryango Mpuzamahanga ikorera mu Rwanda, kujya byibuka abari abakozi babo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

Ni uburyo bwo kubasubiza icyubahiro bambuwe.

Ubwanditsi

Icyumweru cy'icyunamo cyasojwe no kwibuka abanyapolitiki bazize Jenoside yakorewe Abatutsi bashyinguye ku rwibutso rwa Rebero

Ibikurikira urup 2

no gushinyagurira abacitse ku icumu, bamanura ibitambaro biriho ubutumwa bwo kwibuka n' ibindi bikorwa bibi. Yongeyeho ko abo bakwiye guhabwa umuti usharira kugira ngo bakire cyangwa se nibura boroherwe n'uburwayi bwabayemo umugera udakira.

Yakomeje avuga ko Insanganyamatsiko y'uyu mwaka isaba buri wese kwamagana ikinyoma kandi akihesha agaciro, ko Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, gushyigikira ukuri no kwihesha agaciro ari ngombwa.

Perezida wa IBUKA, Dr Dusingizemungu Jean Pierre, yagarutse ku butwari bw' abanyapolitiki, aho yavuze ko *bari bafite ubushobozi bwo gushyigikira ikibi maze bagahabwa imyanya myiza mu buyobozi kandi bitewe n' akazi bakoraga bashoboraga kujya hanze y' igihugu maze bakituriza, ariko ko byose babyanze maze bakiyemeza gushyira ubuzima bwabo mu kaga kugira ngo barwanye akarengane.*

Yakomeje avuga ko aba banyapolitiki twibuka dukwiye kubagereranya n'uruganda rwo gucuriramo abanyapolitiki ba none n'ab'ejo hazaza, igihugu gikeneye ndetse n'undi munyarwanda wese akwiriye kunyuramo. "Kugera ikirenge mucy'izi ntwari ni ubutabera zaba zihawe bityo abantu bakareka guhagarika no kudindiza urugendo rugana aheza zari zaratangiye".

Abasigaye mu miryango y'abanyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi nabo bashyize indabo ku mva.

Hashojwe icyumweru cy'icyunamo, kwibuka byo bizakomeza

Asoza ijambo rye, Dr Duzingizemungu Jean Pierre yavuze ko umuryango IBUKA abereye Umuyobozi ushimira cyane inzego zose zagize uruhare mu gutegura ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 17 kuko byagenze neza, by'umwihariko CNLG kubera intambwe imaze guteza Abanyarwanda mu bijyanye no kwibuka aho imariye kujyaho mu mwaka wa 2008. Yasabye abantu bose gukomeza gufata mu mugongo abacitse ku icumu, bitabira ibikorwa byo kwibuka, kubatera inkunga n'ibindi hagamijwe kurangiza burundu zimwe mu ngaruka za Jenoside, avuga ko, n'ubwo hashojwe i cyumweru cy'icyunamo, kuwibuka bizakomeza kugera ku minsi ijana.

Muri uwo muhango kandi wo gusoza icyumweru cy'icyunamo no kwibuka Abanyapolitiki bashyinguye ku rwibutso rwa Rebero, Umuvugizi w'ihuriro ry'imitwe ya Politike, Depite Mukakanyamugenge Jacqueline nawe yavuze ko Umunyapolitiki azihesha agaciro ari uko aharanira ukuri, agafata ibibazo uko biri ntakubigoreka nkana, akabifata uko biteye mu mizi yabyo ndetse n'ibisubizo abona ko yashyira imbere, akurikije amahame y'Ishyaka rye bigashingira iteka ku nyungu z'Abanyarwanda, by'umwihariko bikimakaza amahoro n'ubumwe bw'abanyarwanda. Kuvugisha ukuri, gukorera mu mucyo nibyo bihesha umunyapolitiki agaciro.

Madamu Jacqueline yibukije na none ko insanganganyamatsiko y'u Rwibutso rwa Rebero igira iti"Duharanire imiyoborere myiza". Byerekana ihinduramatwara n'intego Imitwe ya Politiki twihaye, yo guharanira no gushyira imbere iteka inyungu z'abaturage n'iterambere ry'igihugu".

Yamaganye abo bose bacyibwira ko u Rwanda ari *nka ya nsina ngufi icibwaho urukoma n'umuhisi n'umugenzi, ati :"turabiyamye!! kandi ntibanakwiye no kuturangaza"! ati: "U Rwanda n' Abanyarwanda dufite icyerekezo twiyemeje kugeraho, imitwe ya Politiki y'uyu munsi turashaka ubumwe bw' Abanyarwanda, dufite ibitekerezo bitandukanye ariko biganisha u Rwanda n'Abanyarwanda aheza".*

Umuhango wari watangiye Abayobozi bakuru b'Igihugu n'abafite ababo bashyinguwe ku rwibutso rwa Rebero bashyira indabyo ku mva mu rwego rwo kunamira izo nzirakarengane, wasojwe i saa sita z'amanywa.

Gertrude Kanzayire

Ishyirahamwe ry'Abagande batuye mu Rwanda ryasuye urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi

"Twe tubona abanyarwanda nk'abavandimwe bacu. Icya mbere twese turi abirabura ikindi kandi twabanye nabo igihe kinini cyane kugeza ubwo bafashe gahunda yo kuza kubohora u Rwanda rwari rwaraboshywe n'ingoma y'igitugu. Bityo mu bihe nk'ibi twibuka Jenoside yakorewe abatutsi twumva ari ngombwa kwifatanya n'abavandimwe bacu b'Abanyarwanda, tubafata mu mugongo kandi turwanira ko ibintu nk'ibi nta handi byazasubira mu karere k'ibihugu byacu ndetse n'ahandi aho ariho hose ku isi"

Ntibasuye uru rwibutso gusa banasuye na zimwe mu mfubyi za Jenoside yakorewe Abatutsi zo muri Nyamagabe

Aya ni amwe mu magambo yavuzwe n'umuyobozi w'ishyirahamwe ry'Abagande baba mu Rwanda Bwana Hajji Bogere Issa ubwo basuraga Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi tariki ya17/04/201. Iryo shyirahamwe ribaye irya mbere ry'abanyamahanga baba mu Rwanda risuye urwibutso rwa Murambi. Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi rumaze igihe kinini rusurwa n'abantu batandukanye. Ari abanyarwanda, ari n'abanyamahanga, bigaragara ko bitabira kurusura cyane cyane kubera amateka rugaragaza. Abenshi barusura bakunda kuza ari amatsinda. Ariko mu myaka yose rumaze rusurwa ntibyakunze kugaragara ko amatsinda cyangwa se amahuriro y'abanyamahanga baba mu Rwanda aza kurusura.

Rwanya ikibi, uharanire uburenganzira bwawe n'ubw'abandi

Abakoze iki gikorwa cyiza cyo gusura urwibutso ni Abaganda baba mu Rwanda bibumbiye muri "Association of Ugandans in Rwanda". Bageze ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi barangajwe imbere na Chairman wabo Hajji Bogere Issa, batambagijwe ibice bitandukanye bigize uru Rwibutso. Chairman wabo yabanje kwibutsa ikibazanye avuga ko abantu batabaye maso Jenoside ishobora no kuba n'ahandi aho ari ho hose ku isi, abasaba ko rero ko umuntu aho yaba ari hose ko yarwanya ikibi kandi agaharanira uburenganzira bwe n'ubwa mugenzi we.

Bamaze gusura Urwibutso bagiranye ikiganiro n'abana b'imfubyi ziciwe ababyeyi muri Jenoside birera bo mu karere ka Nyamagabe bibumbiye mu muryango wa AOCM (Association des Orphelins Chefs de Ménage). Bemeranyijwe ko bagiye kugirana umubano (partnership) hagati ya za "associations" zombi.

Mu ijwi rituje kandi ririmo ikiniga cyinshi, Chairman Hajji Bog ere Issa yagize ati "Twe tubona Abanyarwanda nk'abavandimwe bacu. Icya mbere twese turi abirabura ikindi kandi twabanye nabo igihe kinini cyane kugeza ubwo bafashe gahunda yo kuza kubohora u Rwanda rwari rwaraboshywe n'ingoma y'igitugu. Bityo mu bihe nk'ibi twibuka Jenoside yakorewe abatutsi twumva ari ngombwa kwifatanya n'abavandimwe bacu b'Abanyarwanda, tubafata mu mugongo kandi turwanira ko ibintu nk'ibi nta handi byazasubira mu karere k'ibihugu byacu ndetse n'ahandi aho ariho hose ku isi".

Bahavuye biyemeje gufasha izo mfubyi kwifasha

Yakomeje kwibutsa ko abenshi mu bagande baba mu Rwanda bahakora ibikorwa byinshi, cyane cyane imyuga yiganjemo amagaraji mu mujyi wa Kigali n'ubundi bukorikori butandukanye. Ati "birababaje kubona umwana agira amahirwe yo kurokoka Jenoside ariko akananirwa no gukomeza amashuri ye",ati "Umusanzu bamwe muri twe twatanga ni ugufasha aba bana batagize amahirwe yo gukomeza amashuri yabo, tubigisha kwibeshaho bakora imyuga itandukanye".

Avuga mu rurimi rw'ikinyarwanda Bwana Issa yagize ati "Baca umugani mu Kinyarwanda ngo ni byiza kwigisha umuntu kuroba ifi kuruta ko wajya uyimuha". Yashoje yemeye ko bagiye gukora ibishoboka byose bakakira abana benshi batagize amahirwe yo gukomeza amashuri bo muri AOCM Nyamagabe, ariko kandi anavuga ko n'abagiye barangiza amashuri bazagerageza kubakorera ubuvugizi aho bashobora kugera kugirango bababonere uburyo bwo kwibeshaho.

Kuri uru Rwibutso kandi bagiranye ikiganiro n'umukuru wa Polisi mu karere ka Nyamagabe Supertendant Felix BIZIMANA wabasobanuriye impamvu ubwicanyi bwakorewe Abatutsi muw'1994 bwitwa Jenocide, akaba yarabagaragarije uburyo inzego nkuru z'igihugu zifatanyije n'inzego z'umutekano bagategura jenoside ndetse bakanayishyira mu bikorwa. Ariko kandi anabibutsa ko Jenoside itajya yihagarika, ko iyi Jenoside yakorewe Abatutsi ntabanyamahanga, byaba ibihugu cyangwa se imiryango mpuzamahanga byigeze bigira uruhare mu kuyihagarika, ko ari abandi Banyarwanda ubwabo bakoze ibishoboka byose bakayihagarika.

Umukuru wa Polisi yibukije ko umutekano w'u Rwanda uzakomeza kubungabungwa kandi ko n'uzagerageza kuwuhangabanya atazabishobora kuko polisi n'igisilikari by'u Rwanda bihagaze neza. Spt Felix yarangije asaba aba bavandimwe b'Abagande gukunda akarere kacu tugaharanira kwihesha agaciro kandi tugaharanira kurwanya akarengane mu buryo bushoka bwose.

Iyi gahunda yo gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi yari yitabiriwe n'Abagande 93 bahagarariye abandi. Muri iki gikorwa cyo gusura uru Rwibutso ntawabura kongera gushimira umutima mwiza bagaragaje wo kuzagerageza gufasha abana b'imfubyi birera bo muri Nyamagabe biciwe Ababyeyi muri Jenoside, kumenya imyuga itandukanye.

Emmanuel Nshimyimana, Umukozi wa CNLG ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi

Mu Murenge wa Muyumbu bibutse ababo bishwe muri Jenoside banazirikana amateka yabagejeje kuri ayo mahano

Tariki 13 Mata 2011, imyaka 17 irashize abanyamuyumbu bibuka kandi bunamira inzirakarengane z'Abatutsi bo ku Muyumbu barimbuwe n'inkoramaraso, ariko banashimira Imana yemeye ko hagira abarokoka iryo rimburabatutsi ryari ryarateguwe uhereye kera kose.

Ubwo Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yatangiraga, henshi mu gihugu abantu bagiye bahungira ahantu hatandukanye bizera ko bari buhakirire, abandi bakegerana kugira ngo barebe ko bahuriza hamwe ingufu bakirwanaho, ariko icyizere cyaje kuraza amasinde kuko izo nkoramaraso zabirayemo kandi zahawe n'ibikoresho bikomeye, intego ari iyo kurimbura uwitwaga umututsi wese mu gihugu cy'uRwanda cyangwa se n'ufitanye isano nawe, ndetse n'ucyekwaho kuba we, yahitaga yicwa.

Ni muri ubwo buryo Abatutsi benshi barimbuwe hirya no hino muri za kiliziya, no mu nsengero , n'abageragеje kwegeranya ingufu ngo birwaneho bakarimburirwa ku misozi bari bariho kubera ko abateguye bakanashyira mu bikorwa Jenoside bari baramaze kwitegura ku buryo buhagije n'ibikoresho byo kurimbura Abatutsi byarateguwe, ndetse n'amahugurwa yaragiye atangwa ku buryo buhagije. Ikindi umuntu atakwirengagiza ni uko aho Abatutsi babaga bari nta bikoresho bari bafite kuko batigeze bateguzwa ngo nabo babishake ku buryo rero kurwana n'imbunda ukoresheje ibuye atari ikintu gishoboka. Ntitwabura kuvuga ariko n'abagiye bicwa bazize kugambanirwa n'abababeshyaga ngo barabahisha nyuma bakazana abicanyi bakabamara.

Umurenge wa Muyumbu wibutse inzirakarengane zazize Jenoside, uherereye mu Karere ka Rwamagana mu Ntara y'iburasirazuba, mu cyahoze cyitwa Komini Bicumbi, Perefegitura ya Kigali Ngari. Komini Bicumbi niyo yahoze itegekwa na Semanza Laurent uzwi cyane mu ishyaka MRND ryateguye Jenoside rikanayishyira mu bikorwa. Segiteri Muyumbu yategekwaga na Fungameza nawe wagize uruhare runini muri Jenoside yakorewe Abatutsi bo ku Muyumbu.

Uyu Semanza yari yaragabanije Bicumbi mo ibice 2, igice kimwe cyagezwagamo ibikorwa by'amajyambere vuba kubera ko abari bahatuye bari bazwi ku izina rya rubanda nyamwinshi, naho ikindi gice cyari kigizwe n'abari barahimbwe nyamucye aribo Batutsi, cyari cyarasigajwe inyuma kubera nyine abahatuye.

Muri ako gace, Jenoside yabanjirijwe no gucamo abantu ibice

Muyumbu yabarirwaga mu gice cya rubanda nyamwinshi ariko igakurikiranirwa hafi kubera ko yari ifite umubare mwinshi w'Abatutsi mu masegiteri yari atuwe n'abo ba rubanda nyamwinshi, ku buryo nko mu mwaka w'1990, ubwo FPR-Inkotanyi yatangizaga urugamba rwo kwibohoza, Semanza wari Burugumesitiri icyo gihe yazaga kurara irondo ku Muyumbu kandi mu bisanzwe yari atuye muri Segiteri Gahengeri yahanaga imbibe na Segiteri Muyumbu.

Jenoside rero itangiye mu w'1994, mu cyahoze ari "cellule" Rugarama, imwe mu zari zigize Segiteri Muyumbu, ikaba yari ifite n'umwihariko wo guturwamo n'Abatutsi benshi (nka 95 %) by'abayituye, hari umugabo witwaga Rutakubwa Théodore(w'umututsi) wari ufite umuhungu wagiye mu gisilikare cya FPR-Inkotanyi, bakavuga rero ko yabahaye imbunda. Ibyo byaje gutuma Abatutsi benshi bahahungira batekereza ko bari buhakirire ndetse na Fungameza ubwe wari Konseye afite n'imbunda, akaba yariyitaga Umututsi, yagiye kuzana interahamwe zifite imbunda na "grenades" zirabatwika zirabarimbura n'utishwe na grenade cyangwa imbunda, babajyamo barabatemagura n'imihoro, abandi Batutsi bari hirya no hino barambuka babasanga ahitwa i Ruhanga, abandi babicira hirya no hino. Ariko hari n'abagize amahirwe yo gucika izo nkoramaraso. Aho rero ku Muyumbu, aho urwibutso rwubatse mu isambu y'uwo nyakwigendera Théodore, hashyinguwe imibiri irenga ibihumbi cumi na bitatu na Magana ane (13400).

Hashyinguwe imibiri 40

Uru rwibutso ni rwo rwashyinguwemo bwa mbere imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'1994 kuva aho iyo Jenoside ihagarikiwe n'ingabo zahoze ari iza FPR-Inkotanyi zari ziyobowe icyo gihe na Jenerali Majoro Paul Kagame.

Ku itariki ya 13 Mata 2011, uru rwibutso rwongeye gushyingurwamo imibiri igera kuri 40. Iyo mibiri yagiye iboneka hirya no hino mu Murenge wa Muyumbu, imwe yari yarashyinguwe mu cyubahiro nyuma gato ya Jenoside muri 94, bikaba byarabaye ngombwa ko izanwa ku rwibutso.

Mu ijoro ry'itariki ya 12 Mata 2011 habaye umugoroba wo kwibuka. Mu bashyitsi bakuru bifatanije n'abanyamuyumbu kuri uwo mugoroba, harimo Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika, Madame Solina Nyirahabimana, ndetse n'abayobozi b'Akarere ka Rwamagana.

Mu butumwa bwatanzwe na Minisitiri Solina Nyirahabimana, yavuze ko abacu tugomba guhora tubibuka, tukanabunamira mu rwego rwo kubasubiza agaciro bambuwe kandi ko tudakwiriye guheranwa n'agahinda, ahubwo dukwiriye kurushaho gushaka icyaduteza imbere kuko n'ubwo twabuze abacu, twe tukiriho kandi ko ubuzima bugikomeza. Yongeyeho kandi ko mu gihe cyose twibuka Abatutsi bishwe bazira uko baremwe, twajya tunazirikana abasilikare baguye ku rugamba baharanira guhagarika Jenoside yakorerwaga Abatutsi, kuko bagize kwitanga gukomeye cyane. Yashoje ijambo rye yihanganisha abacitse ku icumu, abasaba gukomera, kandi ko Guverinoma y'ubumwe bw'Abanyarwanda ihora ikora uko ishoboye ngo abacitse ku icumu bitabweho.

Mu gitondo cy'itariki ya 13, imihango yarakomeje, hasomwa misa hanavugwa amasengesho atandukanye. Nyuma y'amasengesho, hakomerejeho indirimbo zo kwibuka ndetse n'ubuhamya bw'umwe mu barokokeye aho ku Muyumbu wavuze ko nyuma y'imyaka 17 yongeye kubona umubyeyi we, n'ubwo amubonye nta mwuka w'ubuhumekero umurimo, ariko akaba aruhutse kubera ko amuherekeje bwa nyuma.

Mugihecyosetwibuka,tujye tunazirikana abasilikare ba RPF-INKOTANYI baguye ku rugamba rwo guhagarika Jenoside.

Mu bashyitsi bari baje kwifatanya n'abanyamuyumbu kuri uwo munsi harimo n'intumwa za rubanda zitandukanye(Abadepite mu Nteko ishinga amategeko), n'uwari uhagarariye Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside, ubuyobozi bw'Akarere ka Rwamagana ndetse n'abaturage bari baturutse hirya no hino hatandukanye baje gufata mu mugongo abanyamuyumbu.

Mu butumwa butandukanye bwagiye butangwa n'abagiye bafata ijambo, bose bagiye bagaruka ku kwifuriza abacitse ku icumu gukomera. Uwari uhagarariye Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside, yasabye cyane cyane abamenya ahagiye hajugunywa abantu hose ko babivuga kugira ngo bashyingurwe mu cyubahiro, ndetse n'ababa barasigaye bakabasha kuruhuka ku mutima.

Mu buhamya bwatanzwe na Mugabarigira Stanley (umwanditsi w'iyi nkuru) yasabye buri wese wacitse ku icumu ko yakwihesha agaciro aho ari hose no mu byo akora byose, asaba cyane cyane urubyiruko rw'abanyeshuri kwiga rushyizeho umwete. Imihango yashojwe no gushyingura imibiri ndetse no gushyira indabyo ku mva ibitse imibiri y'abazize Jenoside aho mu Murenge wa Muyumbu.

Mugabarigira Stanley
Akarere ka Rwamagana
Umukozi wa CNLG ku rwibutso rwa Bisesero.

Hari ibikorwa byinshi byateguye Jenoside yakorewe Abatutsi mu Murenge wa Mugina

Mu rwego rwo gutegura ibiganiro bizakomeza gusobanura amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu gihe cy'icyunamo ngarukamwaka ku nshuro ya 17 gitangira kuwa 07/04/2011, twagiranye ibiganiro n'abantu batandukanye mu Karere ka Kamonyi.

Imva y'Urwibutso rwa Mugina

Mu Murenge wa Mugina twavuganye na Bwana NTIVUGURUZWA Damascène uhagarariye IBUKA muri uwo Murenge akaba ari n'umwe mu barokokeye kuri paruwase ya Mugina aho yari yarahungiye.

Umurenge wa MUGINA, ni umwe mu Mirenge igize Akarere ka KAMONYI, mu Mayaga ukaba ugizwe n'Utugari 5 n'imidugudu 23. Kimwe n'ahandi henshi mu Rwanda, abaturage baho batunzwe n'imirimo y'ubuhinzi n'ubworozi bafatanya n'ubucuruzi bucirirtse bagenda bakorera mu du santere aho turi.

Nk'uko Ntivuguruzwa yabidutangarije, Mugina yari ituwe n'Abatutsi benshi ikanayoborwa na Burugumestiri mwiza witwaga NDAGIJIMANA Callixte warwanye ku Batutsi cyane dore ko nawe yari we. Uwo Burugumestiri yabaga mu ishyaka rya PL akaba yari yarigeze kujya mu ishuri rya gisirikare "ESM"aza kwirukanwa bamenye ko ari umututsi araza aba umwarimu ku kigo cy'amashuri cya Ruyumba.

Kubera uwo Burugumestiri, Abatutsi bakomoka Kigali, Bugesera, Ntongwe, Runda…bagiye bahahungira bahateze kuharokokera cyane ko bumvaga ko Abatutsi baho bari bataratangira guhunga bari bakiri mu ngo zabo. Uko bwacyaga niko umwuka mubi wakwirakwizwaga mu baturage na Radiyo Rwanda na RTLM uvuga ko HABYARIMANA yishwe n'Abatutsi, bakangurira abaturage gufata intwaro nabo bagahiga abo bitaga ibyitso baturanye (Ni ukuvuga Abatutsi).

Uwabarwanagaho yishwe, icyizere cyarayoyotse.

Icyizere abahahungiye bari bafite cyagiye kiyoyoka, n'Abatutsi bari bakirimungo zabo babonye abaturanyi babo batangiye kubareba nabi nabo batangira guhungira aho kuri Kiriziya aho abandi bari. Icyo cyuka cyaje gukomezwa n'uko abaturage bose batangiye gukangurirwa kubyitabira na Majoro bitaga KARANGWA wari maneko nkuko byavugwaga akorera RWACIR ku rwego rw'Igihugu (ubu bivugwa ko yaba aba mu Buholande) akoresheje abasirikare bari baragiye bava ku rugamba baratorotse cyangwa bararashwe. Abahutu ba Mugina bari bakibanye neza n'Abatutsi kubera uwo Burugumestiri Callixte. Igitero cya mbere cyaje giturutse CYERU. Bafashije Abatutsi bakirwanyiriza hamwe bagisubiza inyuma.

Nyuma y'igitero cyagabwe ku Batutsi i Mugina cyo kuwa 16/04/1994 cyabereye ahitwa mu KIREKA kica abantu benshi barimo umuhungu wo kwa Mugenzi wo ku Munini, KARERANGABO, MUNYINYA wo kwa Gasamunyiga, nibwo KARANGWA yaje bamuririra nk'umuntu baturanye kandi ushobora kubakiza, ahubwo azana imodoka ye n'abasirikare b'abajandarume bamurindaga, bageze kuri cumi n'umwe bambura Abatutsi barokotse icyo gitero ibikoresho bifashishaga birwanaho birimo amacumu n'imiheto arabitwara ubwo Abatutsi ba Mugina bahita bamenya ko ibyabo birangiye bahungira nabo kuri Kiriziya ya Mugina.

Burugumesitiri Callixte yarwanye ku Batutsi, cyane impunzi z'Abatutsi ba Komini yayoboraga zimaze kuva mu ngo zigeze ku Kiriziya. Yabakanguriye kwirwanaho ababumbira hamwe abasore n'abagabo bakomeye akabajyana gutabara aho yumvise interahamwe zateye yifashishije n'aba polisi ba Komini yayoboraga. Urugero ni nk'igitero cyavuye i Runda kigizwe n'interahamwe za Kamana kigatera i Ngoma. Umunsi ku wundi Abatutsi bahungiye ku Kiriziya bahoraga bari maso bahanganye n'ibitero kandi bakabisubiza inyuma cyane cyane ibiva ahandi kuko interahamwe z'i Mugina ubwazo zari zimaze kuneshwa.

Barushyijwe ingufu ari uko impunzi z'Abarundi zibyivanzemo.

Interahamwe zibonye ko biziyobeye, zaje kwifashisha impunziz'Abarundizahunze igihe cya NDADAYE zabaga muri Komini NTONGWE ahitwa i NYAGAHAMBA. Kugira ngo ibyo bishoboke, habayeho kwitanga hakakwa imisanzu ku bantu bose cyane cyane abacuruzi. Abo Barundi bari abagome cyane ku buryo bamaze gupatana, bumvikanye ikiguzi cyo kuza kwica Abatutsi b'i Mugina bahungiye kuri Kiliziya. Bagabye ibitero kuwa 21,22,23,/04/1994, Abatutsi birwanaho ariko babarusha imbaraga kuko hapfuye benshi haboneka n'inkomere zajyaga kw'ivuriro ryayoborwaga n'uwitwa Anonsiyata ubu uri mu gihano cya TIG.

Kugira ngo Abatutsi batsindwe, abo Barundi barabanje bica Burugumestiri bigizwemo uruhare na mugenzi we wayoboraga Komini NTONGWE wari wamutumyeho ngo amunyureho amutware i Gitarama kuri Perefegitura, kuko uwo Burugumestiri wa Ntongwe yari yamubwiye ko imodoka ye yapfuye, naho ari uburyo bwo kumucisha kuri bariyeri ya ba Barundi kugira ngo babone uko bamwica. Callixte yapfanye n'umu polisi wari umuherekeje. Yishwe n'abo Barundi. Ibyo byaciye intege cyane Abatutsi bari i Mugina babyumvise, maze interahamwe n'Abarundi bongera umurego, ibitero birisukiranya. kuri 25 na 26 Mata, nibwo haje ibitero biturutse impande zose zikikije Mugina. Batera gerenade mu Kiriziya bica abana, abagore, abakecuru n'abasaza bari barimo naho abasore bakomeza kurwanira hanze.

Kubera ubwinshi bw'Abatutsi bari barahungiye aho, bari barundanyije mu Kiriziya. Aho mu kiriziya hishwe benshi, ariko hagira abarokoka, twavuga nka RUTAGARAMA Marcel, GAKWERERE Innocent, MUKANKUSI, NDENGEYE n'abandi bashoboye kurokoka ariko n'ibimuga. Abantu bagera ku bihumbi mirongo itatu na bitatu (35.000) nibo baguye aho abandi barohwa muri Nyabarongo. Abandi bishwe umugenda bageragaza guhunga kuko bo batari mu Kiriziya. Abandi bashoboye kurokoka bagiye bihisha mu masaka. Hari n'abashoboye kugera i Kabgayi n'ubwo naho haguye benshi.

Imirambo yagiye icukurirwa ibyobo hakoreshejwe imashini zicukura, bagasunikirwa mu byobo rusange, hari n'abagiye bicirwa mu nzira n'ubu bakigenda bamenyekana buhoro

komeza ku rup. 7

Hari ibikorwa byinshi byateguye Jenoside yakorewe Abatutsi mu Murenge wa Mugina

Ibikurikira urup. 6

buhoro.

Padiri bitaga VIYEKO niwe waje gushaka kwibonera Kiriziya ngo imirimo yabo ikomeze yubaka akazu yise urwibutso, nta muntu n'umwe mu barokotse uhari abashyinguramo. Na n'ubu ubona ko hagikenewe urwibutso rwagutse kandi rwabika imibiri neza.

Umwuka mubi wabibwe n'abimukira bavanywe Nyabikenke.

N'ubwo bwose uruhurirane rw'ibyaha bigize Jenoside yakorewe Abatutsi byaje kugaragara cyane mu bwinshi bw'ababikora n'ababikorerwa kandi mu gihe gito, Damascène avuga ko ibikorwa biyitegura neza byatangiye kera mu 1959 kuko ngo byavugwaga ko mu Mayaga hatuye "Abarunari". Kugira ngo MDR PARMEHUTU igire uko igira impinduramatwara yayo mu Mayaga, yafashe urubyiruko rwayo ikuye za NYABIKENKE, na RUTOBWE irutuza ahitwa "gurupema" i Mukinga. Habanje gucibwa imihanda nk'aho bagiye kubaka imidugudu, babaha amasambu ndetse handikwa n'amabaruwa asaba kububakira no kuborohereza gutura bakanashyirwa mu nzego z'ubuyobozi bw'aho kugira ngo babashe guhindura abo bita "Abarunari". Batujwe CYERU ahari icyo gihe ferime y'inka, batujwe i NGOMA ahitwa i Maswa, batura KIGARAMA na KIBOGA muri Rugarika,... Baza bafite bose inshingano n'intego zimwe: gucengeza amatwara ya MDR.

Uko abo bimukira bagiye bahatinda niko bagiye babiba umwuka mubi banatoteza Abatutsi bamwe batangira guhunga bajya ni Burundi, Kongo na Uganda. Urugero ni umuryango wose w'abaganzu bene Rucyera, abitwaga ba Ruganzu, kwa Rucyaba, kwa Nyamvumba bose bahungiye Uganda, i Burundi hajya umuryango wo kwa KARITASI, abandi bagahungira hafi za Bugesera icyo gihe. Abandi barishwe, amazu aratwikwa, inka ziraribwa bikomeza gutyo no 1973. Abagarukaga cyangwa abasigaye bagakomeza kurebwa nabi, abana mu mashuri bagatotezwa.

Aho Mugina ariko ntihabaye abicanyi gusa, habaye n'Abahutu bamwe batabaye Abatutsi kugeza nubwo babizira nka KARERANGABO wari resiponsabule warwanye ku Batutsi cyane akumira ibitero byazaga gushaka Abatutsi bo mu Kagari ke n'uwitwa Marcel wo kwa Mugenzi. Kubijyanye n'insanganyamatsiko y'icyunamo mu kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 17 ivuga ngo "Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi: DUSHYIGIKIRE UKURI, TWIHESHE AGACIRO", Bwana NTIVUGURUZWA Damascène yavuze ko ashima cyane Leta uko yagiye ifasha abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi, avuga ko babonye uruvugiro kuko bahawe ijambo bakinigura bagamije kugaragaza ukuri kuri Jenoside. Avuga ko IBUKA yabafashije kwibumbira hamwe bagateranaimbaragandetse bakaniyubaka bihesha agaciro mu byo bakora kuko kugeza ubu usanga hari ababahemukiye baza kubasaba akazi kuko baba babarusha ubushobozi.

Inzu n'ubusitani bw'urwibutso rwa Mugina

Aravuga ko gukora ari kimwe mu byabafashije kudaheranwa n'agahinda kuko bagiye basohoka mu mateka mabi buhoro buhoro bagenda biteza imbere. Ati Leta yadushyiriyeho FARG ifasha abana kwiga bava mu bujiji, ifasha abamugajwe na Jenoside kuvurwa, ifasha abasenyewe kongera kubona aho baba barubakirwa. N'ubwo atari bose, nibura abubakiwe babasha no kuba bacumbikiye abandi mu gihe hagitegerejwe, ko n'abandi bubakirwa. Nubwo urugendo rwo kubaka ibyo Jenoside yashenye ari rurerure, uhagarariye abarokotse avuga ko intambwe yatewe ishimishije n'ubwo hari na none ibidashobora gusanwa nk'ubumuga, kongera kubona ibyo babuze (ibintu n'abantu).

UZAMUSHAKA Alphonsine nawe uhagarariye AVEGA mu Murenge wa Mugina akaba yaranarokokeye mu Kiliziya ya Mugina, aravuga ko bamaze kwiyubaka buhorobuhoro mu bikomere byinshi. Avuga ko ibisebe basigiwe na Jenoside ari byinshi bitabarika ariko ko bareba imbere bakubaka ejo habo heza. Ati twabuze byinshi tubura benshi ariko twebwe turiho tugomba guharanira gukomeza kubaho kandi neza. Asanga kandi ukuri gushoboka kuko hari ababahemukiye bagiye bemera ubuhemu bwabo bakanerekana aho bataye imibiri y'abo bishe.

Avuga ko kubera abaguye muri ako gace ari Abatutsi bari bavuye hirya no hino mu gihugu bataziranye bose bigoye kumenya imirambo itaraboneka. Yavuze kandi ko abarokotse bafite umutekano muri rusange kandi kugeza ubu babanye neza n'abandi kubera ubuyobozi bwiza.

VUGUZIGA Claudine nawe yarokokeye NTONGWE ariko aza gutura ku Mugina nyuma ya Jenoside, avuga ko ubuzima bumaze kugaruka kubera ko bafite ubuyobozi bwiza bubumva kandi bubafasha. Avuga ko bamaze kugira icyizere cy'ejo hazaza ugereranije n'ibyo banyuzemo ukareba aho ubu bageze biyubaka kuko ngo usanga hari uruhare rwa buri wese mu guhangana n'ibigeragezo by'ubuzima bahura nabyo, nawe akaba ashima ubuyobozi bubanisha abaturage.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mugina, Bwana RWIRIRIZA J.M.V, nawe mu gihe gito ahabaye asanga kugeza ubu umutekano w'abacitse ku icumu ari mwiza ko kandi nta n'ikibazo cy'ingengabitekerezo ya Jenoside azi gihari, n'abaturage bose bakaba babanye neza muri rusange, gusa ubu bakababahanganye n'umwanzi umwe ariwe w'ubukene. Muri urwo rwego, abarokotse Jenoside batishoboye, borojwe inka kandi bagenda baboneka muri gahunda zose za Leta zibafasha kwiyuba

Byegeranyijwe na
MUNYAKAYANZA Gonzalve
Archiviste CNLG

Mu cyumweru cy'icyunamo urwibutso rwa Jenoside rwa Ntarama rwasuwe na benshi, n'abacitse ku icumu barashyigikirwa

Uyu mwaka ku nshuro ya 17, nk'ahandi hose mu Gihugu muri Ntarama hubahirijwe icyumweru cy'icyunamo gitangira tariki ya 7 Mata kikarangira ku itariki ya 13 Mata buri mwaka. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka yagiraga iti:« Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi : dushyigikire ukuri, twiheshe agaciro ». Muri icyo cyumweru hari byinshi byakozwe ku rwibutso rwa Jenoside rwa Ntarama : gusura urwibutso, gusura no gufasha abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu gace ka Ntarama.

Gusura inzibutso ni uburyo bumwe bwo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ku itariki ya 7 Mata 2011, abaturage batuye Akagari ka Cyugaro batangiriye icyumweru cy'icyunamo ku rwibutso rwa Ntarama. Icyo gikorwa kitabiriwe kandi na Anne Casper, « Deputy Chief of mission) muri Ambassade ya Leta Zunze Ubumwe z' Amerika i Kigali, aherekejwe n'umugabo we. Kuri uwo munsi habaye n'ijoro ryo kwibuka.

Kuva kuri iyo tariki ya 7 Mata, urwibutso rwa Ntarama rwatangiye kugira abashyitsi benshi. Ku wa 8 Mata 2011, abakozi ba "Catholic Relief Services (CRS) basuye urwibutso hanashyirwa indabo ku mva zishyinguyemo imibiri mu rwibutso imbere, mu rwego rwo guhora hibukwa inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994. Nyuma yo gusura abakozi ba CRS, basuye abana b'imfubyi baba mu Mudugudu, babashyikiriza ihema ryo kwakiriramo abantu(tent) n'intebe 30 za plastique zo kwicaraho.

Bukeye ku itariki ya 9 Mata 2011, urwibutso rwa Ntarama rwasuwe kandi na Stephen Rapp, Ambassaderi ushinzwe ibyaha by'intambara muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.

Gusura inzibutso bijyana no gufasha impfubyi za Jenoside

Ku itariki ya 10 Mata 2011, ikigo cy'Inama Nkuru y'itangazamakuru(Media High Council –MHC) cyasuye urwibutso rwa Ntarama mu rwego rwo guhora hibukwa ibyabaye mu Gihugu cyacu. Bucyeye bwaho twakiriye ku rwibutso, ishyirahamwe rigizwe n'abahoze ari abashoferi ba Leta (CODACE) ubu bakora akazi ka "Taxi Voiture" mu Mujyi wa Kigali. Nyuma yo gusura urwibutso, abanyamuryango ba CODACE basuye abana b'imfubyi baba mu Mudugudu wa Rugarama, babashyikiriza inkunga irimo ibiribwa(Kawunga, isukari), amasabune n'ibibiriti byose bifite agaciro k'ibihumbi Magana atanu (500.000 frw).

Kuri iyo tariki kandi, itsinda ry'urubyiruko rwarokotse Jenoside ruhuriye muri "Miracle Corners Rwanda", rwasuye urwibutso mu rwego rwo kwibuka ababyeyi, abavandimwe babo ndetse n'inshuti zabo zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994.

Ku itariki ya 12 Mata, urubyiruko rwibumbiye muri AERG St André i Kigali(ruri mu muryango Inyamibwa z'Inema)nabo basuye urwibutso bibuka inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi.

Abo bose basuye urwibutso basanze, n'ubwo rukeneye gusanwa ibyo bikaba bitarashoboka, nibura hari isuku kuko ku itariki ya 11 n'iya 12 Mata, abagize Komisiyo y'Amatora bo mu Murenge wa Ntarama, kimwe n'abagize "Club the brother team" bo mu Murenge wa Ntarama bari bahakoze umuganda.

Ku munsi wo gusoza icyunamo ku itariki ya 13 Mata, twakiriye ku rwibutso rwa Ntarama abagize "groupe Memos Peace Maker institute" baje gusura urwibutso mu rwego rwo gusobanukirwa Jenoside yakorewe Abatutsi .

Uwo munsi, nk'uko abagize Akagari ka Cyugaro bari batangiriye icyunamo ku rwibutso rwa Ntarama, no kugisoza niho byabereye. Uwatanze ikiganiro muri uwo mwanya, akaba yarasabye Abanyarwanda kutibuka abazize Jenoside mu gihe cy'icyunamo gusa, ahubwo ko bagomba kwibuka umunzi ku wundi. Kwibuka ntibibe iby'uwacitse ku icumu gusa, ahubwo bikaba ibya buri Munyarwanda."Tukibuka tudaheranwa n'agahinda tukibuka twiyubaka".

Tariki ya 16 Mata, urwibutso rwa Ntarama rwasuwe kandi n'ishuri rya Rukarara College Education, bakaba barasobanuriwe amateka ya Jenoside: uko yateguwe n'abanyarwanda b'abanyabwenge bize, ariko bo bashishikarizwa kwiga kugira ngo bazubake igihugu kandi bakirinda amacakubiri aho kugisenya nk'ababanjirije.

Si abantu bagize amatsinda basuye urwibutso gusa, n'abantu ku giti cyabo bararusuye, baba abanyarwanda cyangwa abanyamahanga.

Hashyinguwe imibiri 17

Itariki 15 Mata ni itariki ngaruka mwaka yibukwaho iyicwa ry'Abatutsi bari bahungiye ku Kiliziya ya Ntarama. Kuri iyo tariki nibwo habaye ijoro ryo kwibuka Abatutsi barenga ibihumbi bitanu bahiciwe. Muri iryo joro ryo kwibuka, hatangiwemo ibiganiro bitandukanye, ndetse n'ubuhamya bw'uwarokokeye ku kiliziya ya Ntarama. Muri ibyo biganiro, hatangiwemo amateka yaranze uRwanda muri rusange ya mbere ya Jenoside, n'amateka yihariye y'Umurenge wa Ntarama.

Bukeye bwaho nibwo hashyinguwe mu cyubahiro imibiri 17 yari yarabonetse mu duce dutandukanye tw'Umurenge wa Ntarama. Uwari uhagarariye imiryango yashyinguye ababo akaba yarabwiye abari aho ko baruhutse ku mutima, kuba bashyinguye ababao, ashimira Leta y'ubumwe bw'Abanyarwanda kuba yarashyizeho gahunda yo kwibuka, kugira ngo Abanyarwanda bajye bahora bibuka ababo bazize Jenoside.

Nyuma yo gushyingura hakozwe urugendo bajya ku rufunzo rw'Akanyaru ahazi ku izina ra CND kuko naho haguye Abatutsi benshi ariko kugeza ubu imibiri yabo ikaba itaraboneka.

Aho ku rufunzo hatangiwe ubuhamya na bamwe muri bacye baharokokeye, bavuga uko ubwicanyi bwahakorewe bwagenze. Umwe muri abo batanze ubuhamya akaba ari uwari uyoboye bagenzi be mu guhangana n'ibitero by'interahamwe. Yavuze ukuntu bari bihagazeho ariko bakazakugamburuzwan'ibitero by'abasilikare. Umuyobozi w'Akarere ka Bugesera, mu ijambo rye yasabye ko kuri ako gasozi bari bahagazeho hejuru y'urufunzo hazashyirwa ikimenyetso kigaragaza amateka ya Jenoside(uko yakorewe mu Bugesera), kugira ngo ibyahabereye bitazibagirana na rimwe mu mibereho y'Abanyarwanda.

Ni ikintu gishimishije kuba Leta y'ubumwe yarashyizeho inzibutso za Jenoside, ahaba hari ibimenyetso bitandukanye bigaragaza Jenoside yakorewe Abatutsi. Bityo abasura inzibutso, mbere yo gutangira gusura bagasobanurirwa amateka yaranze u Rwanda yarugejeje kuri Jenoside, birebera n'ingaruka z'ayo mateka. Ibyo bigatuma umuntu waje gusura urwibutso agira icyo ataha yungutse. Ndetse n'abaturiye urwibutso bagashishikarizwa kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, hashingiwe kuri ibyo bibi yatugejejeho, bibonera mu rwibutso.

Uwitonze Bellancilla, umukozi wa CNLG ku rwibutso rwa Ntarama

N'Abanyarwanda baba mu Bihugu by'Amahanga baributse

Ubwo uRwanda rwibukaga ku nshuro ya 17 Jenoside yakorewe Abatutsi, Abanyarwanda baba mu buholandi ku itariki ya 7 Mata, nabo bahuriye hamwe kugira ngo bibuke inzirakarengane zishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994. Itangazo bashyize ahagaragara rijyanye n'icyo riri mu rurimi rw'icyongereza, tukaba tubagezaho mu Kinyarwanda imirongo migari yaryo:

Dushyigikire ukuri, twiheshe agaciro" ni yo nsanganyamatsiko y'ukwibuka uyu mwaka. Nk'uko twibuka duha icyubahiro abacu kandi tunabasabira. twibuka imibabaro n'urubozo bishwe(…) duhagaze aha twemye, twemeza ko ibyabaye bitazongera kubaho ukundi.

Ibidutandukanya twiyemeje kubihinduramo imbaraga, kandi twiyemeje kubakira ejo hazaza heza uRwanda rwacu(…), aho abanyarwanda, bihaye agaciro babana mu bwubahane.

Uyu munsi nyuma y'imyaka 17, hari abantu cyangwa amatsinda y'Abanyarwanda bahakana Jenoside yakorewe Abatutsi, ari ukugerageza kwiyeza no kwihanaguraho icyaha, ku ruhare bagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi, cyangwa kuba bararebereye igihe yabaga(ni ukuvuga ntibatabare). Hari ndetse n'abakangurira abandi ibitekerezo byo kurimbura abantu.

Kugira ngo dukure amasomo kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, tugomba kumva neza impamvu zayiteye, n'ibimenyetso biyiranga kugira ngo no mu bihe bizaza tuzabashe kuyikumira. Nk'abanyarwanda dukomeza kuyibuka kuko tudashaka ko yakongera, kandi tutifuza ko ibyabaye mu Rwanda byagira ikindi gihugu bibamo.

Umuhanga mu bya Filosofiya yaravuze ati: "Abantu baba batazi amateka baba akarikera bazayasubiramo", n'iyo mpamvu u Rwanda rutazibagirwa amarorerwa yakorewe Abatutsi mu Rwanda, ariko na none ntiruheranwe n'ukwibuka ibyo byabaye. Mu bibi byatubayeho tugomba kuvanamo imbaraga zo kujya mbere twiha agaciro.

Iyo twibuka ntitwakwirengagiza intabwe uRwanda rumaze gutera muri iyi myaka 17kandi ruva kure, rukaba ari igihugu gisigaye cyubahwa ku mugabane w'Afurika no hanze yawo. Kandi muri iki gihe, Abanyarwanda bose bafite ishema ry'igihugu cyabo n'ishema ryo kwitwa Abanyarwanda.

(…) URwanda rwunze Abanyarwanda rubinyujije mu nzira rwo ubwarwo rwishakiye(…) rwubaka umutekano uhamye, ruba igihugu gitekanye gitanga umusanzu ufatika mu kugarura amahoro n'umutekano mu karere.

(…) URwanda, magingo aya rurimo kwivana mu murage rwasigiwe na Jenoside yakorewe Abatutsi, rushakira umuti ibibazo abacitse ku icumu rya Jenoside bafite, kandi rugerageza kubanisha neza abaturage barwo bose, rushaka ibisubizo ku bibazo by'ubukungu(…). Nk'uko insanganyamatsiko y'uyu mwaka idusaba ngo "Dushyigikire ukuri, twiheshe agaciro", twiyemeje ko ibyiza tumaze kugeraho bipfukiranwa n'ibibi byahise.

I Pekin mu Bushinwa, umuhango wo kwibuka wabanjirijwe no gucana urumuri rw'icyizere.

Abanyarwanda baba mu Mujyi wa Pekin mu Bushinwa, bibutse Jenoside yakorewe Abatutsi

Nk'uko byanabereye mu zindi kapitali z'ibihugu bitandukanye by'isi, bakifatanya n'Abanyarwanda ubwo bibukaga ku nshuro ya 17 Jenoside yakorewe Abatutsi, Abashinwa bakababakaba 200 bifatanyije n'abanyarwanda baba mu Bushinwa ubwo bibukaga inzirakarengane zishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Muri iyo Mihango Ambasaderi w'u Rwanda mu bushinwa, Bwana François Ngarambe yagejeje ku bari bitabiriye iyo mihango yo kwibuka uko Jenoside yakorewe Abatutsi yateguwe n'uko yashyizwe mu bikorwa. Yanabasobanuriyen'uruhare Inkiko Gacaca zagize mu kunga Abanyarwanda, nyuma y'uko igihugu kiyogozwa na Jenoside yakorewe Abatutsi.

I Pretoria, mu gihugu cya Afurika y'epfo, imihango yo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi yitabiriwe bishimishije.

Imihango yo kwibuka Jenoside yakorwe Abatutsi, I Pretoria mu gihugu cya Afurika y'epfo yateguwe n'Ambassade y'uRwanda muri Afurika y'epfo, ifatanyije n'ishyirahamwe ry'abanyarwanda baba mu gihugu cy'Afurika y'epfo.

Imihango yo kwibuka yayobowe na Bwana Nikobisanzwe Claude, Umunyamabanga wa mbere wa Ambassade, witabirwa n'abanyacyubahiro benshi bo muri Afurika y'epfo, barimo Ambassaderi Esra Sigwela, wabaye Ambassaderi w'Afurika y'epfo mu Rwanda akaba yariahagarariye Guverinoma y'Afurika y'epfo, bamwe mu bayobozi bo muri icyo gihugu, abahagarariye ibihugu byabo I Pretoria, abarimu bo mu mashuri makuru batandukanye n'izindi nshuti z'abanyarwanda ziba muri Afurika y'epfo.

Imihango yatangijwe no gucana amatara ya "bougies", Ambassaderi Zigwela yatanze ubuhamya bw'uko yabonye Inkiko Gacaca igihe yari mu Rwanda, agaragaza uruhare izo nkiko zagize mu kugeza Abanyarwanda ku bumwe n'ubwiyunge.

Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi byari biteganyijwe ko byagombaga kubera no mu yindi mijyi ya Afurika y'epfo, nka Kwazulu Natal na Cape Town mu mpera za Mata 2011.

Canada: Abanyarwanda baba mu Mujyi wa Edmonton bakoze urugendo rwo kwibuka ku nshuro ya 17 Jenoside yakorewe Abatutsi

Abanyarwanda baba mu Mujyi wa Edmonton bifatanyije n'inshuti z'u Rwanda muri Canada mu rugendo rwo kwibuka inzirakarengane z'Abatutsi zishwe urubozo mu 1994.

komeza ku rup. 10

N'Abanyarwanda baba mu Bihugu by'amahanga baributse

Ibikurikira urup. 9

Ibyo byabaye kuwa gatandatu tariki ya 9 Mata 2011,

Urwo rwiswe urugendo rwo kwibuka rwakorewe mu muhanda witwa Churchill Square. Abakoze urwo rugendo bazengurutse uwo muhanda inshuro 17 bibuka imyaka 17 ishize Jenoside yakorewe Abatutsi ibaye mu Rwanda.

Uwari uhagarariye umuryango w'Abanyarwanda baba muri ako gace yavuze ko kwibuka ari imwe mu nzira zo kwivura ibikomere abarokotse bafite no kwigisha abakiri bato bakamenya ibyabaye kugira ngo bitazigera byibagirana.

Uwitwa Jean Marie Rwamucyo, umwe mu Banyarwanda barokotse Jenoside utuye muri ako gace yavuze ko Jenoside yamusize wenyine mu muryango, ko yahitanye ababyeyibe,n'abavandimwe barindwi barimo abahungu bane n'abakobwa batatu.

Yavuze ko nyuma ya Jenoside yumvaga nawe abarirwa mu bapfuye, ariko ko kugeza ubu yumva agomba kwibuka ndetse no guharanira kubaho kuko ari byo bituma abateguye umugambi wo kwica Abatutsi mu Rwanda babona ko batsinzwe.

Ubwongereza: mu mihango yo kwibuka ku nshuro ya 17 Jenoside yakorewe Abatutsi, ibihugu byasabwe gufasha guhana abicanyi bicumbikiye

Iyo mihango yabereye mu gace ka West Midlans ni umukuru w'umuryango w'abanyarwanda bo muri West Midlands, Appolinaire Kageruka, yasabiye amahanga gufasha mu guhana abicanyi bari mu bihugu byabo ndetse no gufasha abanyarwanda mu bikorwa byo kwibuka.

Iyo mihango yari yatangijwe n'amasengesho yavuzwe na Musenyeri Ruhumuriza ndetse na Karangwa Hussein wari uhagaririye umuryango w' abayisilamu, aho basabiye inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Iki ni igishushanyombonera cy'urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi ruzubakwa i Londres mu Bwongereza

Nyuma yaho, mu muvugo witwa « Mana Wari He? » umutegarugori umwe yagarutse ku buzima abacitse ku icumu rya Jenoside baciyemo, ndetse n' icyizere bafite cy' ejo hazaza.

Mu ijambo rye, umukuru w'umuryango w'abanyarwanda bo muri West Midlands, Appolinaire Kageruka, yasabye amahanga gufasha mu guhana abicanyi bari mu bihugu byabo ndetse no gufasha abanyarwanda mu bikorwa byo kwibuka. Yashimiye ubuyobozi bw'Ambasade y'u Rwanda mu Bwongereza, SURF (survivor's fund) ku nkunga bateye igikorwa cyo kwibuka.

Ambasaderi Rwamucyo, wanashimiwe inkunga ambassade y'uRwanda yateye icyo gikorwa cyo kwibuka, yavuze ku ntambwe igihugu kimaze gutera nyuma ya Jenoside kuva cyanze kuba umuyonga ubu abanyarwanda bakaba bunze ubumwe, bigizayo ibibatandukanya byose.

Bamwe mu banyeshuri biga mu gihugu cy'Amerika (USA), mu gikorwa cyo kwibuka.

Amerika: New York, Oklahoma n'Intara ya Maine bibutseJenoside yakorewe Abatutsi.

"Jenoside yabaye umusaruro w'inyigisho z'ubugome zari zarigishijwe abantu mu myaka yabanjirije aya mahano". Aya magambo yavuzwe n'umushakashatsi akaba n'umunyamakuru, mu kiganiro yagejeje ku banyeshuri bo muri Kaminuza ya gikirisitu ya Oklahoma, mu rwego rw'iyo mihango yo kwibuka ku nshuro ya 17 Jenoside yakorewe Abatutsi.

Umwe mu banyeshuri b'Abanyarwanda biga muri iyo kaminuza, Gaspard Twagirayezu yavuze ko bishimira ko baturuka mu gihugu nk'u Rwanda, kizwiho kuba iyo kiguye gihita kibyuka. Yasabye kandi urubyiruko bagenzi be gutera inkunga abacitse ku icumu ndetse bakimika ukuri kugira ngo Jenoside itazasubira.

Ibindi biganiro byari byabereye mu Mujyi wa New York. Abanyarwanda batuye mu muri uwo mujyi, ku itariki ya 10 Mata bagejejweho ikiganiro ku ngorane z'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

Iki kiganiro kimwe cyateguwe n'Umuryango "Miracle Comers of the Wolrd(MCW)" ndetse n'umwe mu barokotse jenoside, Yvette Rugasaguhunga washinze

komeza ku rup.11

N'Abanyarwanda baba mu Bihugu by'amahanga baributse

Ibikurikira urup. 10

Ikigega cyiswe Yvette Rugasaguhunga Survivors' Education Fund(YRSE).

Ibyo biganiro byari bishingiye ku ngingo zitandukanye zirimo ibijyanye n'ihungabana, ibijyanye n'ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ihutazwa ku bagore n'abana ndetse n'ubutabera, kimwe n'ingaruka za Jenoside ku burezi.

Umwe mu bitabiriye icyo kiganiro akaba n'Umunyamuryango wa YRSEF, Robyn Deutsch yavuze ko, uretse kuba bibutse kandi bakunamira inzirakarengane zazize Jenoside, wanabaye umwanya mwiza wo kurebera hamwe ibibazo abacitse ku icumu bari mu gihugu n'abari hanze bahura nabyo.

Abanyarwanda bari muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu Ntara ya Maine iri hafi y'Umujyi wa Montreal muri Canada, nabo ku itariki ya 11 Mata 2011 bakoze umuhango wo kwibuka ku nshuro ya 17 inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu mwaka w'1994.

Uwo muhango wo kwibuka watangiye i saa munani z'amanywa uza kurangira saa mbiri n'igice z'ijoro, witabirwa n'abantu benshi barimo Abanyarwanda batuye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika na Canada ndetse n'Abanyekongo n'Abarundi batuye muri ibyo bihugu.

Muri uwo muhango hacanywe urumuri rw'icyizere, herekanwa kandi filimi ivuga ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu mwaka w'i 1994.

Imihango yo kwibuka ku nshuro ya 17 Jenoside yakorewe Abatutsi mu Bubiligi

Kuwa kane tariki ya 7 Mata, Umuhango wo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi wabereye Woluwe St Pierre, witabiriwe n'uhagarariye Umuryango wa Diaspora mu Bubiligi, uhagarariye Leta y'igihugu cy'Ububiligi n'abandi barimo aba Ambasaderi b'ibihugu by'Umuryango Acp(Afrique, Caraïbes et Pacifique)ukorera i Bruxelles, uhagarariye DRB-Rugari bivuga Diaspora Rwandaise de Belgique n'abandi banyacyubahiro barimo Bourgmestre w'Umujyi wa Woluwe St Pierre.

Mu Bubiligi, igikorwa cyo kwibuka nticyahariwe Abanyarwanda babayo, bamwe mu benegihugu barabayagiye.

Uwo muhango wateguwe n'ambassade y'u Rwanda mu Bubiligi.

Abafashe ijambo bose bagarutse ku mahano yabaye mu Rwanda muri Mata 1994, bahuriza ko bitazongera kubaho ukundi; uhagarariye Leta y'Ububiligi yanavuze ko Leta ahagarariye itazahwema gutera inkunga u Rwanda mu gukomeza kwiyubaka.

Ayo magambo yose yabanjirijwe n'ijambo ry' uhagarariye u Rwanda mu Bubiligi Ambassadeur Ntwari wakiriye abo bashyitsi ari kumwe n'ikipe yose y' abakozi ba Ambassade y'u Rwanda.

Uwo muhango warangiye bashyira indabo ku ibuye rinini ry'urwibutso riri mu Mujyi wa Woluwe-St-Pierre mu Bubiligi.

Byegeranijwe na Antoine R

Imihango yo kwibuka ya Indiana Polisi yitabiriwe na bamwe mu bayobozi baturutse mu Rwanda

Mucyo Jean de Dieu, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo yo kurwanya Jenoside (uri hagati)ari kumwe na Mufti Sheikh Habimana Saleh (i bumuso) : ni bamwe mu bitabiriye uwo umuhango baturutse mu Rwanda

Mu ishuri rya Decatur Discovery Academy rihereye Indianapolis muri USA, habereye imihango yo kwibuka ku itariki ya 23 Mata 2011, ikaba yari yitabiriwe na Bwana Jean de Dieu MUCYO, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside, Bishop RUCYAHANA John, Perezida wa Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Mufti w'u Rwanda Sheikh Saleh HABIMANA, Ambasaderi w'u Rwanda James KIMONYO uhagarariye u Rwanda i Washington akaba ariwe wari umushyitsi mukuru. Iyo mihango kandi yitabiriwe n'abanyarwanda benshi batandukanye babayo, abanyeshuri b'abanyarwanda n'abanyamahanga biga hirya no hino muri Leta zunze Ubumwe z'Amerika, abanyeshuri biga muri iryo shuri n'inshuti z'u Rwanda.

Iyo mihango yaranzwe n'ubuhamya, indirimbo zo kwibuka, ikiganiro ku ngamba zo kugera ku bwiyunge n'ikiganiro ku kubaka ikiraro nk'ikimenyetso cy'icyerekezo cy'ubumwe n'iterambere cyatanzwe na Bishop John RUCYAHANA, Bwana Jean de Dieu MUCYO, Mufti w'u Rwanda Sheikh Saleh HABIMANA, n'Ambasaderi James KIMONYO aho babazwaga ibibazo kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, aho igihugu kigeze kiyubaka, ubumwe n'ubwiyunge n'ingamba zafashwe mu guhangana n'ibibazo Jenoside yasize bakabisubiza.

Hatanzwe kandi ikiganiro aho abana b'abanyarwanda baturutse muri za Kaminuza zinyuranye zo muri USA, bakaba abari aho barababazaga ku ruhare rw'urubyiruko ku kubaka igihugu cy'ejo hazaza nyuma ya Jenoside.

Nyuma yo kumva ubuhamya bwatanzwe bw'umunyarwanda wacitse ku icumu n'indirimbo zo kwibuka, abari aho bacanye urumuri rw'icyizere hakoreshejwe buji.

Ubwanditsi

Bamwe mu bari bitabiriye umuhango wo kwibuka Jensoide yakorewe Abatutsi wabereye mu ishuri rya Decatur Discovery Academy rihereye Indianapolis muri USA

Amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Karere ka Bugesera kuva mu gihumbi Magana cyenda na mirongo itanu n'icyenda kugera mu 1994



Imva zitunganyije ku rwibutso rwa Jenoside rwa Nyamata

"Nk'uko mubizi mu Karere ka Bugesera Jenoside yatangiye mu 1959. Nyuma y'ihirikwa ry'ubutegetsi bwa cyami hagiyeho repubulika ya mbere. Rudahigwa amaze gutanga hagiyeho Kayibanda ashyizweho n'abazungu nyuma habayeho ipfa ry'Abatutsi ndetse n'ibyegera by'umwami. Abatutsi baricwa abandi bahungira hanze y'igihugu mu bihugu bidukikije ari byo Uganda, Uburundi, Tanzania, Zaire n'ahandi. Ariko hagiye hasigara ingerere, benda kubamara ndetse bagenda babica umugenda. Ariko abasigaye mu Rwanda bo icumu ntiryigeze ryunamuka. Bakomeje kugenda bicwa umugenda banatwikirwa kuva mu 1959 kugeza mu 1994 aribwo byabaye agahomamunwa aho bashoje umugambi wabo wari warateguwe. Ubundi igice kinini cy'Ubugesera cyari ishyamba.

Ahatuwe hari hatoya kandi iryo shyamba ryari ririmo Tsetse, noneho abo batutsi bari barahungiye hanze y'igihugu baragiye ntibicara bategura gutera u Rwanda bitwa " Inyenzi" bifashisha rya shyamba ryo mu Bugesera maze binjira bateye u Rwanda, bageze kuri Nyabarongo ahitwa ku Kanzeze haje abasirikare b'u Rwanda n'intwaro zikomeye Inyenzi ziratsindwa zimwe ziricwa abasigaye basubira mu bihugu bari baturutsemo.

Kuva icyo gihe rero Umututsi wasigaye mu Rwanda atangira guhigwa bukware mu Rwanda hose by'umwihariko mu Karere ka Bugesera, baricwa baratwikirwa, barameneshwa, batangira kurazwa rubunda. Ni bwo ubutegetsi bwariho bwafashe umugambi wo gufata Abatutsi bari batuye Ruhengeri, Gisenyi, Byumba n'ahandi babacira i Bugesera kugira ngo babone uko babatsemba bavuga ngo ujya gutwika imvumba cyangwa imbagara arazirundarunda. Nibwo babazanye babegeranya n'Abatutsi bari i Bugesera kugira ngo biborohere kubatsembatsemba.

Kandi ikindi iryo shyamba rya Bugesera ryarimo tsetse nk'uko nabivuze haruguru kandi muzi ko tsetse ari isazi mbi itera indwara mbi cyane, bamaze kuhabageza, macinya yabishemo benshi. Babonye bagiye kuhashirira bafata umwanzuro wo kuva mu nkambi bakajya mu baturage b'Abatutsi bagenzi babo barabakira basangira ibyo babasanganye barongera bagarura ubuzima. Ariko ntibyarangiriye aho iyo Leta yariho icyo gihe yafashe abahutu ba Ruhengeri, Gisenyi, Gikongoro babakurikiza ba batutsi barabakikiza kugira ngo bazabarimbure. Abatutsi b'i Bugesera barapfuye 1959-1961,1963,1966,1973.

Iyo myaka yose barishwe, baratwikirwa, ibyabo biraribwa, nyuma Habyarimana amaze guhirika Kayibanda, amaze kumwica abana b'Abatutsi barishwe, barirukanwa mu mashuri, ibyo bise iringaniza.

Habyarimana amaze kujya ku butegetsi yashushe nk'ubihosheje amanota y'abana bakayerekana ariko ntihagire umwana w'Umututsi utsinda n'ubwo yabaga yarushije ab'abahutu. Gusa Habyarimana ageze ku butegetsi yatanze agahenge ariko ntibyatinze kuko nawe yakomeje umugambi nk'uwa Kayibanda yari asimbuye. Abatutsi baricwa mu Bugesera, baricwa abagogwe, baratwikirwa ku Gikongoro mu cyahoze ari ubufundu ndetse no mu nce zari ziganjemo Abatutsi benshi. Ariko mu Bugesera biba agahomamunwa baricwa, baratwikirwa, ibyabo birasahurwa bashorwa mu nzuzi, n'ibiyaga.

Bimwe mu byaranze Jenoside yakorewe Abatutsi ni uko abantu biciwe muri za Kiliziya, nk'iyi y'i Nyamata

Ariko noneho bigeze 1990 bakaza umurego, ubwo hatangiraga urugamba rwo kubohora u Rwanda rwatangiye ku wa 01/10/1990. Abanyabugesera batangiye

komeza ku rup.19

Ikiganiro cya "Mininisiteri y'Ubutabera" (Mata 2011) "aho u Rwanda rugeze rwiyubaka mu Butabera"

INTANGIRIRO

Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 yagize ingaruka nyinshi kandi mbi haba mu muryango nyarwanda muri rusange, ndetse no mu nzego zose z'imiyoborere y'igihugu harimo n'iz'ubutabera. Urwego rw'Ubutabera rwaratakaje umubare munini w'abacamanza, abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu nkiko no mu rwego rw'Ubushinjacyaha. Kubera iyo mpamvu Leta yashakashatse abandi bakozi bashya irbahugura huti huti, ibashyira mu myanya maze itangiza imirimo y'inkiko n'izindi nzego z'ubutabera. Birumvikanakoabobakozi batari bafite ubushobozi, ibikoresho n'inyubako zo gukoreramo bihagije kugira ngo intego yo kubaka igihugu kigendera ku mategeko yubahiriza uburenganzira bwa muntu no kugeza abanyarwanda ku bumwe n'ubwiyunge birambye igerweho mu gihe gikwiye.

1. Ibibazo bikomeye ubutabera bwahanganye na byo.

1.1 Ubushobozi buke bw'inkiko

Ubushobozi buke bw'inkiko bwabaga bushingiye ahanini ku bakozi batazi kandi bataramenyera umwuga, bayoborwa n'inzego nazo ubwazo zitaragira ingufu zihagije kandi batanafite ibikoresho by'ibanze by'ingenzi byabafasha gutunganya imirimo yabo. Abo bakozi kandi wabonaga nta gaciro gahagije bo ubwabo bihaga haba, mu mibereho ya buri munsi no mu mitekerereze bitewe n'umukeno n'ibindi bishobora gutuma umukozi acika intege.

1.2. Ubwinshi bw'imanza

Imanza zisanzwe zari nyinshi mu nkiko no mu bushinjacyaha. Byakubitiraho bwa bushobozi budahagije bw'abakozi umubare wazo ugakomeza kwiyongera. Kubera ko imanza zacibwaga ari nke kandi n'iziciwe zikajuririrwa ku bwinshi, byatumye n'ibirarane byiyongera. By'umwihariko, umubare w'imanza z'abagororwa barengaga ibihumbi ijana (100.000) bari bakurikiranyweho icyaha cya Jenoside zari nyinshi cyane. Uwo mubare wari urenze ubushobozi bw'abakozi bake bari baharí kandi amategeko ahana ibyaha yari asanzweho akaba atari ahagije mu gukurikirana no guhana icyo cyaha mpuzamahanga. Kubera iyo mpamvu hashyizweho Itegeko Ngenga n° 08/96 ryo ku wa 30/08/1996 rigena Imitunganyirize y'ikurikirana ry'ibyaha bigize jenoside cyangwa ibyaha byibasiye inyoko muntu byakozwe kuva taliki ya 01 Ukwakira 1990. Iryo tegeko ryatumye imanza za jenoside zitangira kuburanishwa, ariko ntiryatanze umuti nyawo w'ikibazo cy'ubwinshi bw'izo manza. Icyo ni cyo cyatumye hatekerezwa gushyiraho Inkiko Gacaca.

2. Ibyagezweho by'ingenzi mu rwego rw'ubutabera.

2.1 Ivugurura ry'ubutabera.

Muri 2004 habayeho ivugurura rusange ry'urwego rw'ubutabera hagamijwe gushimangira ubutabera bwegereye kandi bubereye abaturage, bubakorera, bubunga, bubarengera kandi bafitemo uruhare.

2.1.1 Ivugururwa ry'inzego z'ubutabera

Muri urwo rwego inzego z'ubutabera zavuguruwe hitabwa cyane cyane ku nyungu z'abazigana harimo kubarinda gukora ingendo z'ikirenga bajya kuburana, hashyirwaho uburyo byabafasha kudatakaza igihe cyo kwikorera imirimo bajya mu manza z'urudaca, hashyirwaho uburyo bw'ubucamanza bwunga aho gukuririza ubucamanza butanya abantu. Byatumye inzego z'ubutabera zegerezwa abaturage, hashyirwaho n'Inkiko Gacaca, Komite z'abunzi n'Urwego rushinzwe Imirimo Nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro.

2.1.2 Ivugururwa ry'abakozi

Ivugurura ryatumye hashyirwaho abacamanza b'umwuga babyigiye, babifitiye ubushobozi kandi bagaragaza ubushake bwo kuwukora maze bongererwa n'ubushobozi haba mu bumenyi haba no mu mibereho ndetse n'aho bakorera. Abakozi bakora mu nkiko ubu basigaye ari abanyamategeko bafite niburaimpamyabushobozi ihanitse (Licence) igihe mbere izo nkiko zakoragamo abantu bafite impamyabushobozi zitandukanye nk'abarimu, abaforomo abize indimi n'abandi babaga barahuguwe mu mategeko kubera za mpamvu zihutirwaga zanyuma ya Jenoside twavuze.

Bashyiriweho amategeko agenga imyitwarire yabo, hanashyirwaho abagenzuzi bo gukurikirana imikorere yabo ya buri gihe. Inama NKuru y'Ubucamanza n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha zifite uruhare runini mu kugorora imikorere y'abakozi bo mu nkiko no mu rwego rw'Ubushinjacyaha.

2.1.3 Ivugururwa ry'amategeko

Amategeko yerekeranye n'ubutabera yavuguruwe kugira ngo ahuzwe n'igihe n'icyerecyezo igihugu kirimo kando aze akemura ibibazo aho kuza abitera cyangwa abyongerera ubukana. Kubigeraho bishingiye ku kuzirikana ya ntego yo kubaka igihugu kigendera ku mategeko yubahiriza uburenganzira bwa muntu, imibereho ye myiza, ubumwe bw'abanyarwanda n'amahoro arambye.

2.2 Ishyirwaho ry'Inkiko Gacaca

Mu mwaka wa 2000 hashyizweho Itegeko Ngenga n° 40/ 2000 ryo ku wa 26/01/2001 rishyiraho "Inkiko GACACA" kandi rigena imicungire y'ikurikirana ry'ibyaha bigeze icyaha cya Jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyoko-muntu byakozwe hagati y'itariki ya 01/10/1990 n'iya 31/12/1994.

Inkiko Gacaca zishyirwaho hari hagamijwe ibintu by'ingenzi bikurikira:

- Kugaragaza ukuri ku byabaye mu gihe cya jenoside
- Guca mu gihe gito imanza za jenoside zari kuzamara imyaka irenga ijana (100) mu nkiko zisanzwe;
- Guca umuco wo kudahana wari warabaye akarande mu gihugu;
- Kunga abanyarwanda, abakorewe ibyaha n'ababikoze bakazongera kubana mu buzima busanzwe;
- Kwerekana ko ibibazo hagati y'abanyarwanda bishobora gukemurwa n'abanyarwanda ubwabo mu buryo bwabo bwite.

Itegeko Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19/06/2004 rigena imiterere, ububasha n'imiterere by'Inkiko Gacaca rimaze kujyaho hagashyirwaho n'Urwego rushinwze gukurikirana no guhuza ibikorwa byazo, izo nkiko zatangiye imirimo yazo. Iyo mirimo ubu yarangiye zimaze guca imanza zigera ku 1.015.320 mu gihe cy'imyaka itanu (5).

Kwihuta kw'izo manza bishingiye ahanini kuri ibi bikurikira:

- abaregwa icyaha cya Jenoside bireze bakemera

Komeza ku rup. 14

Ikiganiro cya "Mininisiteri y'Ubutabera" (Mata 2011) "aho u Rwanda rugeze rwiyubaka mu Butabera"

Ibikurikira urup. 13

Icyaha bakanasaba imbabazi;

- amakuru y'imvaho yatanzwe mu gihugu hose n'abatangabuhamya bw'ibyabaye;
- ubwitange bw'inyangamugayo n'abanyarwanda bitabiriye ibikorwa by'inkiko rusange;
- ubushobozibwerekanwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe gukurikirana no guhuza ibikorwa by'Inkiko Gacaca, ubu rwashohoje inshingano zarwo.

2.3 Gushyiraho Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Imirimo Nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro (TIG)

Hashyizweho kandi Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imirimo Nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro rushinzwe gukurikirana irangiza ry'imanza z'abakatiwe imirimo nsimburagifungo bari barireze bakemera icyaha bakanasaba imbabazi. Ibikorwa bamaze gukora bikaba ari byinshi harimo iby'amajyambere nko kubaka imihanda, amashuri, amavuriro n'imidugudu y'abatishoboye harimo n'abarokotse Jenoside. Muri gahunda y'ibiganiro byateganyirijwe abatijisite harimo no guhura n'abantu bo mu miryango y'abo biciye bakabasaba imbabazi mu rwego rw'isanamitima bagafata n'ingamba zo kongera kubana neza igihe basubiye mu mirenge yabo barangije igihano bakatiwe. Iyo nzira nayo kandi inafasha abacitse ku icumu ndetse n'ababakoreye ibyaha mu nzira yo kwiyubaka no gutangira ubuzima bwo kwiteza imbere, kurenga amateka babayemo no gufatanya kubaka urwababyaye, bityo bakoroherwa n'umutwaro w'ibitekerezo byerekeranye n'ababo babuze cyangwa ibibi byababayeho.

2.4 Ishyirwaho ry'itegeko ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura

Ikindi kibazo cyari ingorabahizi, ni abapfakazi n'impfubyi bari bararokotse Jenoside ariko nta burenganzira bafite ku mutungo haba aho bashatse ndetse n'aho bavuka kuko Itegeko ry'umuryango ryariho ritahaga abagore Uburenganzira bwo gucunga umutungo, ugasanga imiryango bayobora yugarijwe n'ubukene kandi bafite imitungo badashobora gukurikirana. Kubera iyo mpamvu hashyizweho Itegeko n°22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya V cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura.

2.5 Ishyirwaho ry'amategeko yo kurandura no gukumira icyaha cy'Ingengabitekerezo ya Jenoside

Hafashwe ingamba zo kurandura burundu no gukumira icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside, kimwe no guhana abayipfobya. Ni muri urwo rwego hashyizweho Itegeko n° 47/2001 ryo ku wa 18/12/2001 ryerekeye icyaha cy'ivangura. Hashyizweho kandi Itegeko n° 18/2008 ryo ku wa 23/7/2008 rihana icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside ndetse ubu ririmo kuvugururwa. Aya mategeko ahana kandi abapfobya Jenoside kandi abagaragaweho n'ibyo byaha bashyikirizwa inzego z'ubutabera bagahabwa ibihano bibakwiriye nk'uko ayo mategeko abiteganya.

2.3 Ishyirwaho ry'urwego rwa "Maison d'accès à la Justice" (MAJ)

Minisiteri y'ubutabera kandi yashyizeho abakozi b'abanyamategeko bahoraho mu Turere "Maison d'accès à la justice" bakaba bashinzwe kugira inama abaturage bafite ibibazo by'akarengane ako ariko kose, bakanabafasha kubikemura, byaba ari ibigomba kujya mu nkiko bakabakorera imyanzuro kuko wasangaga abantu benshi batsindwa kubera gutanga ibirego nabi cyangwa ntibabashe kwisobanura mu nkiko.

By'umwihariko kandi, mu rwego rwo guha agaciro abagore ndetse n'abana, ubu Minisiteri y'Ubutabera yashyizeho umukozi w'umunyamategeko muri buri karere ukurikirana kandi agakemura ibibazo byabo bijyanye n'amategeko. Ikindi kandi, muri buri Rwego Rwisumbuye rw'Ubushinjacyaha hari umuntu ushinzwe kugira inama abahohotewe no kubafasha gukurikirana ibibazo byabo haba mu bushinjacyaha cyangwa mu nkiko. Abo banyamategeko kandi bazajya basakaza amategeko mu baturage kugira ngo bamenye neza amategeko abagenga, barusheho kuyubahiriza no kubahiriza Uburenganzira bw'abaturanyi babo bityo akarengane gacike burundu maze abantu bose bagire agaciro kangana.

2.3 Ishyirwaho rya "Justice Sector"

Hashyizweho kandi urwego rw'ubutabera (secteur de la Justice) akaba ari urwego ruhuza inzego zose z'ubutabera za Leta zirwanya akarengane n'iz'uburenganzira bwa muntu (Minisiteri y'ubutabera, Urwego rw'Ubushinjacyaha, Inkiko, Polisi, Umuvunyi, Komisiyo y'ubumwe n'ubwiyunge, iy'Uburenganzira bwa Muntu, TIG, Gacaca n'izindi). Ibikorwa by'urwo rwego bigigiye kugezwa ku rwego rw'Akarere..

2.4 Ishyirwaho ry'Urwego rw'Abahesha b'Inkiko

Hashyizweho kandi urwego rw'abahesha b'Inkiko baba ab'umwuga cyangwa abatari ab'umwuga bo mu nzego z'ibanze bafasha abantu kurangiza imanza zabo zaciwe burundu kandi abo bakozi bo mu nzego z'ibanze bazirangiza ku buntu. Minisiteri y'Ubutabera ku bufatanye bw'abo n'Urugaga rw'Abavoka ikaba ifasha abatishoboye n'abana bakurikiranyweho ibyaha bisanzwe kubabonera ababunganira mu nkiko. Ibi byose bikorwa mu rwego rwo guha agaciro abo bireba no kubakemurira ibibazo nk'uko amategeko abiteganya kandi mu gihe gikwiye.

3. UMWANZURO

Muri Rusange kugera ku butabera ni inzira ndende. Ibi bisaba ubufatanye bw'abantu bose. Bisaba kandi kugaragaza ukuri. Ibyo byose byavuzwe haruguru byagezweho mu Rwego rw'ubutabera kuva igihugu cyacu cyava muri Jenoside yakorewe Abatutsi kubera ubufatanye bw'Abanyarwanda b'ingeri zose, akaba ari nayo mpamvu Abanyarwanda basabwa buri gihe kugaragaza ukuri kugira ngo igihugu gitere indi ntambwe mu butabera twubakira ku byo tumaze kugeraho kandi twihesha agaciro, duharanira imibereho myiza, tunubaka igihugu cyacu muri rusange.

.....

I Nyarubaka muri Kamonyi, abahungu batarengeje imyaka 7 bishwe muri gahunda yo gusibanganya ubwoko

Ibyo byagaragajwe n'umugore umwe watanze ubuhamya, ubwo ku itariki ya 28 Mata, ku Murenge wa Nyarubaka, ho mu Karere ka Kamonyi bibukaga inzirakarengane z'Abatutsi 1371, bishwe muri Mata 1994 bakaba bashyinguye ku rwibutso rwa Nyarubaka.

Ahari imibiri y'abishwe muri Jenoside i Nyarubaka ntiharatunganywa

Nk'uko umukozi wa Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside, ushinzwe ukwibuka, Bwana Gatabazi Claver yabibwiwe n'uwatanze ubuhamya, mu biciwe aho i Nyarubaka harimo ibitambambuga by'abahungu 76 byiciwe kuri bariyeri yari aho ku Murenge wa Nyarubaka, ababishe bakaba barabatoranyaga, bakareka abana b'abakobwa bo bakagenda, muri gahunda bari bafite yo gusibanganya ikitwa umututsi mu Rwanda. Bateganyaga ko ngo abana b'abakobwa bo igihe kizagera bakabarongora(NDLR : aha umuntu yakwibutsa ko mu muco w'Abanyarwanda bavugaga ko ubwoko butangwa n'umugabo, ni ukuvuga igitsina gabo).

Twabajije umukozi wa Komisiyo y'igihugu ushinzwe kwibuka niba hari ahandi bazi cyangwa bamenyeshejwe mu gihugu habaye igikorwa cya Jenoside nk'icyo cyo kwica abana b'abahungu mu rwego rwo gusibanganya ubwoko bw'abatutsi asubiza inshuro zose habayeho igikorwa cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi kugeza kuri iyi ncuro ya 17 nta hantu yari yarumvise umwihariko nk'uwo wo gutoranya abana b'abahungu, kuva ku myaka irindwi kumanura kugeza ku ruhinja rw'amezi cyangwa iminsi, bakabica abakobwa bakabasiga. Ahandi bicaga badatoranya abana b'abahungu n'ab'abakobwa, ahubwo bakabica nabi babahonda imitwe ku bibabasi by'inzu, cyangwa babasekura.

Inzirakarengane zazize Jenoside i Nyarubaka, zirimo abazijijwe ubwoko no kuba abahungu

Igitambo cya misa nicyo cyabimburiye imihango yo kwibuka.

Niyo mpavu yifuje kuzatumira bariya batanze ubuhamya muri uriya muhango wo kwibuka bakaza gutanga ubwo buhamya bunyura kuri Radio Rwanda, kugira ngo abanyarwanda bazaba bateze amatwi ikiganiro ubwo buhamya buzanyuzwamo bazabashe gutelefona bamenyesha Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside niba nta handi hantu ibintu nk'ibyo byabaye.

Abatanze ubuhamya bagaragaje ko bimaze kumenyekana ko abicwaga ari abana b'abahungu, bagerageje kubambika amakanzu, ariko abicanyi bakaba barabanzaga kubambura imyenda kugira ngo bamenye neza igitsina cya buri mwana, niba ari umuhungu yicwe. Abo bana b'abahungu bakaba ngo bariciwe umunsi umwe ku isaha ya sa saba.

Urwibutso rw'aho i Nyarubaka ni urwibutso rutubakiye neza. Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside yumvikanye n'AKarere ka Kamonyi ko abashyinguye muri urwo rwibutso rwa Nyarubaka bakwimurirwa mu rwibutso rw'Akarere ka Kamonyi, aho abo bana b'abahungu biciwe hakaba hashyirwa ikimenyetso kigaragara cy'umwihariko wa Jenoside yabakorewe.

Biragaragara ko imyaka 17 ishize Jenoside yakorewe Abatutsi ibaye, ntwa wahamya ko abanyarwanda bari bamenya ukuri kose ku mitegurire y'ayo, n'uburyo butandukanye yashyizwe mu bikorwa. Icyakora si ubwa mbere ibyo bibayeho mu mateka y'izindi Jenoside zakorewe ku isi, kwica abantu b'igitsina gabo no gutwara bunyago abakobwa kugira ngo bazarongorwe n'abicanyi bababyarire byagaragaye no mu zindi Jenoside zabayeho mu kinyejana gishize.

Antoine R

Ibihugu biburanisha abakekwaho ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi bifatanya n'Urwanda guca umuco wo kudahana

Umunyarwanda ukekwaho ibyaha bya Jenoside yatawe muri yombi na Polisi y'igihugu cya Norvège

Nk'uko bitangazwa n'ibiro ntaramakuru Hirondelle bikorera mu gihugu cya Tanzania, umunyarwanda ufite imyaka 45 uba mu gihugu cya Norvège, ku itariki ya 5 Gicurasi 2011 yatawe muri yombi na Police y'icyo gihugu kubera gucyekwaho ibyaha bya Jenoside yaba yarakoreye Abatutsi.

Uwo mugabo Police ya Norvège itatangaje izina rye, ikinyamakuru New Times cyemeza ko ari uwitwa Sadi Bugingo, washakishwaga n'uRwanda, kuko mu mwaka wa 2008, rwashyize ahagaragara impapapuro zo kumufata(mandat d'arret) kubera ibyaha bya Jenoside akekwa kuba yarakoreye Abatutsi muri "économat" ya diyosezi ya Kibungo.

Nk'uko "Hirondelle" ibitangaza uwo Sadi abaye umunyarwanda wa kabiri ufatiwe mu gihugu cya Norvègekuberagukekwaho ibyaha bya Jenoside.

Umukambwe w'imyaka 84 ukurikiranyweho ibyaha bya Jenoside mu Leta Zunze Ubumwe z'Amerika

Nk'uko bitangazwa kandi n'ibiro ntaramakuru "Hirondelle" bikorera Arusha muri Tanzania, umukambwe witwa Lazare Kobagaya araburanishirizwa Kansas muri Leta zunze ubumwe z'Amerika. Uwo mukambwe wageze mu gihugu cya Leta zunze ubumwe za Amerika muri Leta ya Kansas mu mwaka wa 2005, asanzeyo umuryango we wabagayo. Icyakora ngo mu mwaka wa 2006, yashinjwe kuba yarinjiye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika akoresheje uburiganya no kuba yarahawe ubwenegihugu bw'Amerika mu buryo butubahirije amategeko.

Muri dosiye ye isaba ubwene gihugu yari yavuze ko ngo hagati y'umwaka w'1993 n'1995 yari mu gihugu cy'Uburundi. Icyakora usomye iyo nkuru ya Hirondelle usanga ko ubucamanza bwa Amerika busa n'ubwasubiye kuri icyo kintu ukurikiranywe yishingikirije, kuko bumushinja kuba yarategetse Abahutu gutwika amazu y'Abatutsi, no kwica abagore b'Abatutsikazi barongowe n'Abahutu.

Umucamanza washinzwe urwo rubanza, Bwana Monti Belot yabaye amenyesheje abazatoranywa kuruburanisha(abo bita "jurés), ko bizaba ngombwa ko batega amatwi ubuhamya bukakaye, kandi bwuzuyemo amarorerwa. Ikindi ni uko gutoranya abo bazafatanya n'uriya mucamanza kuruburanisha bizagorana kubera ko abanugwanugwaga kuba aribo batoranywa usanga batazi uRwanda kimwe n'ibyahabereye (muri 94).

Uko biri kose hari Abanyarwanda bazaturuka mu Rwanda bagiye gutanga ubuhamya muri ruriya rubanza rwa Kobagaya, bivugwa ko ruzamara hagati y'ibyumweru umunani n'icumi.

Ni byiza kubona hari ibihugu byinshi bimaze kumva ko ari ngombwa ko abakekwaho ibyaha bya Jenoside bacumbikiye baburanishwa, byababuranisha ubwabyo, cyangwa byabohereza mu Rwanda. Igikuru n'uko abo bakoze ibyaha bya Jenoside batakumva ko batazahanirwa ibyo bakoze, bakumva ko umuco wo kudahana babayemo igihe kirekire uzakomeza kuba ariwo ukurikizwa, mu Rwanda n'ahandi. Ibihugu bibaburanisha biba bishyigikiye guca umuco wo kudahana.

Antoine R

Abanyeshuri bo mu ishuri ryigisha abasilikare bakuru rya Jaji muri Nigeria basuye Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside.

Abanyeshuri biga mu ishuri rya Jaji muri Nigeria ryagenewe gutegura abashobora kuzaba mu nzego za gisilikare zifata ibyemezo, bari mu rugendo mu Rwanda kuva ku itariki ya 24 kugera kuya 30 Mata 2011, bagamije kugira ubumenyi buhagije ku byerekeye Jenoside yakorewe Abatutsi. Ku itariki ya 26 Mata, abo bashyitsi bakiriwe na Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside basobanurirwa uruhare ibihugu by'ibihangange byagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Bahawe ikiganiro na Docteur Bideri Diogène.

Bamaze gusobanurirwa imiterere ya Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside n'inshingano zayo, zerekeye ugushyiraho uburyo buhoraho bwo kungurana ibitekerezo ku byerekeye jenoside, gushyiraho ikigo cy'ububiko shakiro, kuvuganira abacitse ku icumu, gukora ubuvugizi ku kibazo cy'indishyi, guhuza ibikorwa bigamije kwibuka, gushyiraho ingamba zo kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo, kurwanya abahakana n'abapfobya, guhangana n'ihungabana... basobanuriwe uruhare ibihugu bikomeye ku isi byagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi .

Mu kubasobanurira urwo ruhare, Bwana Bideri, yabagaragarije n'inyandiko zikomeye bashobora gusoma bagasobanukirwa urwo ruhare, nk'imyanzuro y'amapererezа atandukanye yakozwe na za Komisiyo zashyizweho n'igihugu cy'Ububiligi, icy'uBufransa, imyanzuro y'amapererezа yakozwe n'amatsinda yatumwe na OUA, na ONU n'indi. Yabarangiye n'ibitabo bitandukanye n'inyandiko mu binyamakuru byagiye byandikwa kuri Jenoside yakorewe Abatutsi. Ibyo bitabo babihaweho impano kugira ngo bazabisome bitonze.

Uwatangaga ikiganiro yavuze ko ubwo ibihugu by'isi byasinyaga amasezerano mpuzamahanga yo guhana no gukumira Jenoside nyuma ya Jenoside yakorewe Abayahudi, byavuze ngo « never again »(Jenoside ntizongere kubaho ukundi), ariko ikaba yaranzeikaba mu Rwanda, ikorewe Abatutsi. Avugako icyo uRwanda rukora mu kuyikumira ari ugukora ubukangurambaga, hatangwa inyigisho n'ibiganiro mu mashuri, mu magereza no mu baturage.

Yashoje ikiganiro abwira abanyeshuri ba « Jaji college » ko abahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi ari ingabo zahoze ari iza FPR Inkotanyi, ko nyuma yo guhagarika Jenoside hashyizweho guverinoma y'ubumwe yabashije kubaka igihugu, kuremesha abacitse ku icumu no gushyiraho politiki y'ubumwe n'ubwiyunge ituma imiryango y'abakoze ibyaha bya Jenoside n'iyabarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi ibasha kubana mu mahoro mu gihugu basangiye.

Antoine R

Aho u Rwanda rugeze rwiyubaka mu Bukungu Mata 2011

I. Ibirimo:

1. Iriburiro

2. Bimwe mu bipimo biranga ingaruka za jenosideyakoreweabatutsi nk'uko byari bihagaze mu mpera za 1994.

3. Bimwe mu bipimo by'ingenzi bigaragaza ibyakozwe mu rwego rw'iterambere ry'ubukungu

1. IRIBURIRO

Mu myaka icumi yabanjirije jenoside yakorewe abatutsi muri 1994, ubukungu bw'u Rwanda bwari bwaratangiye guhungabana hagati y'imyaka ya 1980 na1990 bitewe n'uko bwari bushingiye cyane ku buhinzi bwo kwihaza mu biribwa bwari bwatangiye kugaragaza umusaruro udahuje n'ubwiyongere bw'abaturage ; ubushobozi bucye bwo kuzigama ; ikoranabuhanga ridahagije ;

ubushobozi buke bw'abakozi n'umubare muke w'abafite ubumenyi,... Icyo gihe ubuhinzi bwari butunze abanyarwanda basaga 90% ariko uruhare rwabwo mu musaruro rusange w'igihugu ntirurenge 45%.

Ubucuruzi n'amahanga nabwo bwazahajwe cyane n'igwa ritunguranye ry'ibiciro by'ibicuruzwa u Rwanda rwoherezaga mu mahanga nk'ikawa, icyayi na gasegereti dore ko n'inganda nkeya zari ziriho zitari zifite ubushobozi bwo

guhangana ku ruhando mpuzamahanga haba ku isoko ry'imbere mu gihugu haba no ku masoko mpuzamahanga.

Muri iyo myaka kandi, ubukungu bwiyongeraga ku kigereranyo cya 2,2% mu gihe abaturage biyongeraga ku kigereranyo cya 3,2% bityo bigatuma imibereho myiza yabaturage yaragendaga irushaho kuba mibi (umusaruro ku muturage wagabanukaga uko bwije n'uko bukeye).

Kutagira icyerekezo mu miyoborere y'igihugu bikaba byararoshye u Rwanda muri jenoside yakorewe abatutsi ; iyo jenosideikabayarashenye na bike byari bimaze kugerwaho ndetse isiga igihugu ari umusaka mu nzego zose.

Isenyuka rikabije ry'umuryango nyarwanda rigaragarira mu mubare

w'inzirakarengane zirenga miliyoni zazize jenoside;

Abanyarwanda bakabakaba miliyoni eshatu bari impunzi mu bihugu binyuranye cyane cyane ibyo duhana imbibi ;

Abanyarwanda batahunze hafi ya bose bari bavuye mu byabo; benshi muri bo bahuye n'ihungabana haba ku mubiri haba no ku mutima ;

Ubukungu bwarasenyutse bikabije ku buryo umusaruro rusange w'igihugu n'uw'umunyarwanda ku giti cye waguye cyane ukajya munsi y'ikigero wari uriho mu mwaka wa 1989.

2. BIMWE MU BIPIMO BIRANGA INGARUKA ZA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI NK'UKO BYARI BIHAGAZE MU MPERA ZA 1994

Ubukene bwariyongereye cyane ku buryo umubare w'abaturage bari munsi y'umurongo w'ubukene wageze kuri 70% ;

Umusaruro rusange w'igihugu waraguye cyane ugabanukaho kimwe cya kabiri (50%) ;

Umuzigo w'umwenda u Rwanda rwari rubereyemo amahanga wageze ku kigero cya miliyari ijana na mirongo itanu (150.000.000.000 Frw);

Ifaranga ry'u Rwanda ryataye agaciro kugera ku kigero cya 50% ;

Ibiciro byariyongereye cyane kugera ku kigero cya 64%.

Ibidukikije byarangiritse cyane kubera itemwa ry'amashyamba: hagati ya 1990 na 1994, ubuso bw'amashyamba ya kimeza n'amaterano bwagabanutseho 12% bitewe n'ibyo bitaga kubohoza, ndetse n'inkambi z'impunzi.

Ishoramari ry'abikorera ryari munsi ya 8% by'umusaruro wose w'igihugu(GDP);

By'umwihariko kandi, jenoside yakorewe abatutsi yasigiye igihugu

- Imfubyi nyinshi zirimo abana birera, abana bandagaye mu mihanda, ...; zikeneye kwitabwaho mu ngengo y'imari y'igihugu cyane cyane mu burezi, n'ubuvuzi, no kubasubiza mu buzima busanzwe.

- Abapfakazi benshi bagomba gukorerwa imishinga yihariye: kubakirwa,guhabwa inguzanyo zo gukora imishinga icyiriritse, kuvurwa ibikomere n'ubwandu ku bandujwe agakoko gatera SIDA, guhugurwa no gukangurirwa kongera kwigirira icyizere,...

- Abasheshe akanguhe batakigira kivurira

- Abamugaye benshi

- Abahungabanye

Kuri ibyo bibazo kandi hakiyongeraho ko abahekuye u Rwanda bagahungira mu mashyamba ya Congo bakomeje guteza umutekano muke haba mu bikorwa haba no mu gukwirakwiza ibitekerezo bigamije guhakana no gupfobya jenoside bari basize bakoze. Ibi bikaba byarakomeje no kugira ingaruka zijyanye no guhembera no kubagarira urwikekwe n'imibanire mibi mu banyarwanda. Umubare munini w'abakekwagaho kugira uruhare muri jenoside (140,000 muri 1994) wabaye ihurizo rikomeye ku butabera dore ko ubushobozi buke ku bakozi bo mu nzego z'imirimo bwarangwaga mu nzego zose utaretse n'urw'ubutabera: abakozi ba Leta 79% bari bararangije gusa amashuri yisumbuye.

3. BIMWE MU BIPIMO BY'INGENZI BIGARAGAZA IBYAKOZWE MU RWEGO RW'ITERAMBERE RY'UBUKUNGU

Imyaka itanu yakurikiye ihagarikwa rya jenoside yakorewe abatutsi yaranzwe

n'ibikorwa byibanze ku gusana igihugu mu byiciro byose:umutekano, ubukungu n'imibereho myiza,...

Nyuma yo guhumuriza abanyarwanda bose hitabwa ku mwihariko wa buri cyiciro, Leta yateguye kandi ishyira mu bikorwa gahunda zihuse z'igihe gicyiriritse zigamije:

- Gucyura no gusubiza mu buzima busanzwe impunzi n'abavanywe mu byabo;

- Gusana ibikorwa remezo by'ingenzi byari byarasenywe n'intambara;

-Kuvugururaubukungu n'imicungire yabwo hashingiwe ku ihame ryo

guha abanyarwanda bose amahirwe angana;...

Kuva mu myaka ya za 1998, Ubuyobozi bukuru bw'igihugu bwatangiye

gutegura ingamba z'igenamigambi ry'iterambere rirambye; maze hategurwa icyerekezo cy'aho u Rwanda rwifuza ko ruzaba rugeze mu mwaka wa 2020 (Vision 2020).

Komeza urup18

Aho u Rwanda rugeze rwiyubaka mu bukungu (Mata 2011)

Ibikurikira urup. 17

Mu mwaka wa 2000 hateguwe Porogaramu y'Igihugu yo Kurwanya Ubukene (PRSP) yayoboye ibikorwa by'igenamigambi n'itegurwa ry'ingengo y'imari ya Leta mu gihe cy'imyaka itatu (2002-2005). Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi porogaramu rikaba ryarafashije u Rwanda kwemeza abaterankunga barwo ko rufite ingamba ziboneye zo gucunga neza umwenda rubereyemo amahanga, bityo bituma ruvanirwaho umuzigo w'umwenda urenga miliyari imwe n'igice y'amadorali y'abanyamerika.

Muri icyo gihe kandi ni bwo u Rwanda rwatangiye kwiha intego zirufasha kwigereranya n'ibipimo by'iterambere ku rwego mpuzamahanga nk'uko bikubiye mu ntego z'iterambere ry'ikinyagihumbi (Millenium Development Goals (MDGs)/ Objectifs du Millénaire pour le Développement (OMD)).

Raporo ku ntambwe imaze guterwa mu rwego rwo kugera kuri izo ntego ikaba igaragaza ko nyinshi muri izo ntego u Rwanda rwazigezeho mbere y'igihe ubu tukaba dushishikajwe no gukomeza kubumbatira ibyagezweho; n'izitarizagerwaho kandi ziri mu nzira yo kugerwaho ku buryo nta gushidikanya ko mu mwaka wa 2015 u Rwanda ruzaba mu bihugu bikeya bizesa imihigo. Ni no kubera iyi mpamvu umukuru w'igihugu cyacu Nyakubahwa Paul Kagame yarobanuwe nk'imboneza mu kuyobora Inama Ngishwanama igamije kwerekana ingamba ziboneye zafasha ibihugu byose kuzagera kuri izo ntego.

Mu mwaka wa 2005-2007, nyuma y'isuzumabikorwa rya Porogaramu y'Igihugu yo Kurwanya Ubukene (PRSP), hateguwe Ingamba z'Iterambere ry'Ubukungu no Kurwanya Ubukene (EDPRS) zitanga umurongo w'ibikorwa by'igenamigambi n'ingengo y'imari ya Leta mu gihe cy'imyaka itanu (2008-2012).

Ingamba zinyuranye zarafashwe mu rwego rw'ubukungu, imari, ishoramari n'ubucuruzi kandi zatumye ibipimo by'ingenzi mu iterambere ry'ubukungu byiyongera ku buryo bushimishije:

Hagati ya 1994 na 2000, ubukungu bw'u Rwanda bwiyongeraga ku kigereranyo kigera ku 8,1%; ibi bikaba byarafashije kugabanya umubare w'abanyarwanda bari munsi y'umurongo w'ubukene bakava kuri 78% muri 1994 bakagera kuri 60,4% muri 2000; ubushakashatsi ku mibereho y'ingo bwakozwe muri 2005 (EICV II) bukaba bwaragaragaje ko uyu mubare wari ugeze kuri 57% kandi u Rwanda rukaba rufite intego yo kuwugabanya ukagera kuri 30%;

Kuva mu mwaka wa 2000 kugeza mu mwaka wa 2010, ubukungu bw'u Rwanda bwiyongeraga ku kigero kiri hagati ya 6 na 8 % buri mwaka ndetse mu mwaka wa 2008, ubukungu bwiyongereye ku kigero cya 11,5%.

Umusaruro ku muturage wavuye munsi y'amadorali y'abanyamerika 200 mu mwaka wa 1994 ugera ku madorali 540 mu mpera z'umwaka wa 2010 ni ukuvuga ko wikubye hafi gatatu mu myaka 16 gusa.

Kuva mu mwaka wa 2000 kugeza mu mwaka wa 2006 abanyarwanda bari mu bukene bukabije bavuye kuri 41,3% bagera kuri 36,9% ni ukuvuga ko bagabanutseho 4,4%. Ibyo bikaba byaratewe ahanini na gahunda nyinshi zashyizweho zo kurwanya ubukene zirimo izo gufasha abatishoboye. Muri izo twavuga Nka gahunda ya Girinka, gahunda z'ubudehe zakomeje gutanga inguzanyo mu mishinga icirirtse, gahunda za HIMO zongereye imirimo itanga akazi ku bantu benshi mu mirimo y'amaboko, no gutanga amafaranga yo gukemura ibibazo byihutirwa acishijwe muri MINALOC, gahunda ya Vision 2020 umurenge ishyira mu bikorwa imishinga iri mu byiciro bitatu (1) gutanga akazi k'imirimo y'amaboko, (2) gutanga inguzanyo mu mishinga icirirtse, (3) gutanga inkunga y'ingoboka ku batishoboye. Kugera mu mwaka w'2008 iyo gahunda yari imaze gutanga inguzanyo ku bantu 17.626 bagakora ishoramari ryatumye babona umusaruro ungana na Miliyoni 780 kandi bakizigamiramo Miliyoni 204. Biteganyijwe ko umubare w'abanyarwanda bari mu bukene bukabije uzakomeza kugabanuka ku buryo wagera kuri 24% mu mwaka wa 2012.

Kuva ikigega cyo gutera inkunga abacitse ku icumu rya jenoside yakorewe abatutsi cyajyaho mu w'1998, Leta y'u Rwanda yakomeje kugitera inkunga ikigenera 5% ku mafaranga yinjira mu kigega cya Leta (Domestic revenues/ recettes propres).

Na none kandi amavugururwa anyuranye mu rwego rw'imicungire y'ubukungu no guteza imbere ishoramari yatumye umusaruro wiyongera mu byiciro binyuranye ku buryo bukurikira:

- Umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi wariyongereye ku buryo wavuye ku gaciro kangana na miliyari 149,5 muri 1995 ukagera kuri miliyari 1.012 mu mwaka wa 2009. Izi mpinduka ahanini zikaba zaratewe n'ivugururwa ryimbitse ryakozwe haba mu guteza imbere ikoreshwa ry'inyongeramusaruro n'imbuto z'indobanure, haba no mu guteza imbere uburyo bwo guhuza imirima hagamijwe guhingira hamwe igihingwa kirusha ibindi umusaruro (inyongeragaciro).

- Umusaruro w'inganda wavuye kuri miliyari 53,8 muri 1995 ugera kuri miliyari 431 muri 2009 ;

- Naho umusaruro w'ibikomoka kuri serivisi uva kuri miliyari 135,7 muri 1995 ugera kuri miliyari 1.362 muri 2009;

- Muri rusange, umusaruro rusange w'igihugu wavuye kuri miliyari 336.4 mu mwaka wa 1995 ugera kuri miliyari 2.990 mu mwaka wa 2009, bivuzeko wikubye inshuro zigera ku icyenda mu myaka 16 gusa.

Umwanzuro:

Nk'uko byagaragajwe hejuru, byinshi byagezweho muri iyi myaka 17 uRwanda rumaze rwivanye muri jenoside. Ibi tukaba tubikesha ubuyobozi bwiza bufite icyerekezo haba mu rwego rw'imiyoborere y'igihugu haba no mu rwego rwo kwagura amarembo dore ko ari no muri ino myaka u Rwanda rwinjiye mu ngaga n'imiryango mpuzamahanga itsura ubukungu n'ubuhahirane nka COMESA, EAC, Commonwealth, no kubyutsa umuryango wa CEPGL…).

Murakoze!

Amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Karere ka Bugesera kuva mu 1959 kugera mu 1994

Ibikurikira urup. 12

bicwa ngo ni ibyitso by'inyenzi, ngo bohereje abana babo mu Nkotanyi ngo baze bamareho Abahutu, Mu 1990 barabica,mu1992barabica ababacitse bahungira kuri za kiliziya n'insengero zo mu Bugesera, nko ku rusengero rw'abaporoso rwa Maranyundo, Kiliziya gatolika ya Nyamata, iya Ntarama, iy'i Musenyi n'ahandi henshi mu Bugesera. Icyo gihe hapfuye Abatutsi benshi batemwe, barashwe, bashowe mu nzuzi. Twavuga nko mu cyahoze ari Selire ya Kagusa hishwe uwitwa Ntigurirwa mwene Musuhuke, Twagirayezu.

Muri Selire ya Remera, Bugabo aterwa amacumu, aratemagurwa. Mu cyahoze ari segiteri Rulindo umugabo witwa Nyarinyari n'umuryango we bashorwa Akanyaru. Aricwa umusaza witwa Gashagaza barabica n'ahandi henshi hatandukanye.

Ibyo byose byakozwe n'uwari Burugumestri w'icyahoze cyitwa Komini Kanzenze, Rwambuka Fidele n'abambari be. Icyo gihe byabaye agahomamunwa kuko hari umuzungukazi w'umutariyani witwaga Antoniya Lokateri wishwe na Rwambuka Fidele amuhora ko yaterefonye iwabo akavugira no ku ma radiyo mpuzamahanga ko Rwambuka Fidele yamaze abantu n'abashoboye kumucika akaba yafunze amazi ngo bicwe n'inyota. Icyo gihe baramurashe arapfa.

Gusa nyuma y'igihe gito hatanzwe ihumure abari bahungiye muri za Kiliziya barataha, ariko mu matongo ntacyo basangaga. Amazu yabo yari yatwitswe, inka zabo zarariwe, mbese nta na kimwe bari basigaranye, gusa kubera kwihangana no kwizirika umukanda barongeye bariyubaka bongera bagira ubuzima.

Ariko buri gihe mu minsi mikuru y'ubunani na Noheli, bakarara mu mashyamba no mu mibyuko y'amasaka kubera ubwoba babaga batewe n'Abahutu bavugaga ngo barabumvamo umunsi mukuru, ariko bakagenda bafatamo bamwe na bamwe umunsi ku munsi bakabica ngo ni ibyitso abandi bagafungwa. Mu 1994 rero byabaye agahomamunwa umugambi uruzuzwa barangiza gahunda bari barapanze kuva 1959 maze mu 1994 barica baratsembatsemba batikirizwa muri Kiliziya ya Nyamata, Ntarama, mu rufunzo bashorwa mu migezi n'inzuzi bitandukanye, mu biyaga, mu misarane, batwikirwa mu mazu, abari n'abategarugori bafatwa ku ngufu, baterwa ibisongo mu myanya ndanga bitsina, mbese bishwe urw'agashinyaguro.

Ariko Abatutsi b'Abanya Bugesera bari bashoboye kwirwanaho nk'ahandi henshi mu gihugu ariko nk'uko mu bizi Akarere ka Bugesera hubatsemo Ikigo cya gisirikare cy'i Gako. Abasirikare bo muri icyo kigo ndetse n'abarindaga Perezida Habyarimana, baraje bafatikanya n'Interahamwe. Abatutsi baratsembwa, intwaro barwanishaga zirabashirana, cyane ko bakoreshaga imiheto n'amabuye, abandi bagakoresha imbunda, za grenade n'ibindi. Ndetse n'imbunda bari bashoboye kwaka interahamwe barazikoresheje amasasu arabashirana noneho baraneshwa bamwe bahungira muri za kiliziya n'insengero zitandukanye batikirizwamo.

Abandi bahungira mu rufunzo rwa Ntarama Interahamwe zikaza kubica umunsi ku munsi. Gusa ingabo za FPR bitaga Inkotanyi zaje kugera i Bugesera zishobora kugira bake zirokora bataricwa ndetse n'inkomere nyinshi. Babajyana muri " Centre" ya Nyamata bagenda babondora, babomora ibyo bikomere, ubu bamaze kwiyubaka buhoro buhoro n'ubwo ibibazo ari byinshi.

Hari imfubyi nyinshi, abapfakazi, ababana n'ubumuga basigiwe na Jenoside, abatagira ho bakinga umusaya,.... Gusa Leta y'ubumwe bw'Abanyarwanda irageraageza mu bushobozi bucye ifite, kugira ngo ibafashe kwiyubaka. Ariko nabo ntibaheranywe n'agahinda bagenda biyubaka.

Byakusanyijwe na Rutagarama Jean de Dieu.

Icyumweru cy'icyunamo mu Murenge wa Nyamata

Mu Murenge wa nyamata, Kwibuka ku nshuro ya 17 Jenoside yakorewe Abatutsi byatangiye ku ya 7 Mata byitabirirwa nk'uko byari biteganyijwe: Guhera i saa cyenda z'amanywa abaturage bahagarikaga imirimo yabo isanzwe bajya kumva ubutumwa bwabateganyirijwe mu biganiro byatangiwe mu Midugudu itandukanye. Uretse ibyo biganiro bitandukanye, hakozwe ijoro ryo kwibuka ryabimburiwe n'urugendo rwatangiriye ku isoko rya nyamata rusorezwa ku rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Nyamata.

Mu ijoro ryo kwibuka, ku itariki 12 Mata, Muzehe Rwasamirera yabwiye abarIi aho amateka maremare y' u Rwanda yabaye intandaro y' imibereho mibi yaranze Abatutsi mu gihe kirekire ari nayo yaje gusozwa na Jenoside yabakorewe. Yagaragaje ko u Rwanda n' Abanyarwanda bagize ibibazo byo gukoronizwa n' Ababirigi kuko bafashe ibibazo by'amakimbirane byari mu moko y'iwabo (ay'aba "Flammands" n'ayaba "Wallons") bayashyira mu Banyarwanda muri gahunda yo kubatandukanya ngo babayobore.

Yongeye kandi kwibutsa abantu ko benshi bibeshya ku mateka y' icyitwa Akarere ka Bugesera bakeka ko ahari mbere y'uko Abatutsi baturutse mu majyaruguru y' igihugu bakahabacira, hatari hatuwe. Ibyo yabinyomoje yerekana uduce tumwe na tumwe twari dutuwe, avuga ko iyi yari imwe mu ma cheferies 45 yari yemewe mu gihugu, kandi yari ifite ama sous cheferies atandukanye.

Iryo joro kandi ryaranzwe n' ibikorwa bitandukanye harimo umuhango wo kwibuka, aho benshi bibukaga ababo babuze ndetse n' ubuzima bari babayemo. Abatanze ubuhamya bagaragaje inzira y' umusaraba banyuzemo, berekana cyane cyane ubuzima bugoye bwo kubana n' ingaruka za Jenoside, ariko bishimira intambwe bagezeho kuko bashobora umunsi wa none kubaho no gutunga abandi.

Ku munsi ukurikiyeho, ku itariki ya 13 Mata, habaye umuhango wo gusoza icyunamo wabimburiwe n' igitambo cya misa aho imibiri y' inzirakarengane igera kuri 42 yaherewe umugisha mbere yo gushyingurwa mu cyubahiro mu mva rusange.

Muri icyo gitambo cya misa kandi amaturo yabonetsemo yagenewe urwibutso aho ama faranga asaga 180.000 y' amanyarwanda yagenewe ibikorwa byo gufata neza urwibutso. Kuri uwo munsi kandi hagaragaye umubare w' abantu batari bake (abagera kuri 26) bagize ikibazo cyo guhungabana, ariko ku bufatanye n' abajyanama b' ubuzima babashije gufashwa bose baza gutaha mu rugo ntawugiye kwa muganga.

Mu magambo yavuzwe n'umuyobozi w' Akarere ndetse n' uwari umushyitsi mukuru, Honorable Depite KABONEKA Francis,yibanze ku nsanganya matsiko y'uyu mwaka ariyo DUSHYIKIRE UKURI, TWIHESHE AGACIRO.

Aho bongeye kwibutsa abari aho ko kwibuka ari ibya buri wese kandi ko utibuka aho yavuye atamenya iyo ajya.

Elisabeth Mujawamariya
Umukozi wa CNLG ku Rwibutso rwa Nyamata

Imibiri y'abazize Jenoside yavanywe mu Mirenge itandatu yashyinguwe mu cyubahiro mu rwibutso rwa Kamonyi

Ku itariki ya 15 Gicurasi, ku rwibutso rwa Kamonyi, habereye umuhango wo gushyingura mu cyubahiro imibiri 2560, yavanywe aho yari yarajugunywe hirya no hino mu Mirenge itandukanye y'Akarere ka Kamonyi; Gacurabwenge, Musambira, Nyarubaka, Rukoma, Rugarika, na Kayumbu. Iyo mibiri yiyongereye ku yindi 32.435 yari isanzwe ishyinguye ku rwibutso rwa Kamonyi. Imibiri yose ihashyinguye ikaba ari 34.985.

Umushyitsi mukuru muri uwo muhango wo gushyingura yari Bwana Rugege Sam, Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga; yicaranye na Rutsinga Jacques, Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi.

Umuhango witabiriwe n'abantu baturutse imihanda yose, bari baje kwibuka cyangwa gushyingura ababo mu cyubahiro. Witabiriwe kandi na Bwana Rugege Sam visi perezida w'urukiko rw'ikirenga wari umushyitsi mukuru.

Nyuma yo gushyingura imibiri, igikorwa bafashijwemo n'urubyiruko rw'abanyeshuri bacitse ku icumu(AERG), abari bitabiriye icyo gikorwa bateze amatwi umuvugo wa Mme Umunyana warokokeye aho mu Karere ka Kamonyi. Yatanze ubuhamya burambuye yavuzemo amazina menshi y'Abatutsi bishwe muri ako gace, n'ay'abari ku isonga muri ubwo bwicanyi.

Ubuhamya ku nzira y'umusaraba Abatutsi bo muri Kamonyi banyuzemo, bwatanzwe n'umugabo witwa Ngenzi wabashije guhungira mu gihugu cy'uBurundi akaba ariho arokokera mbere yo kugaruka mu Rwanda FPR imaze gufata igihugu. Mu buhamyabweyashimye cyane umugabo witwa Patrice wamuherekeje we n'undi mugenzi we bahunganye, akabafasha akwivana mu menyo y'abashakaga kubica muri iyo nzira yabagejeje iBurundi.

Mu ijambo rye, umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi, Bwana Rutsinga Jacques yashimye abafashije kugira ngo iyo mibiri ibashe gushyingurwa mu cyubahiro, ashima abagize uruhare mu kurokora abahigwaga, akomeza abafite ababo bashyinguye mu rwibutso rwa Kamonyi ati "mwihangane kandi mukomere kuko nyuma ya Jenoside tugomba gukomeza kubaho". Rutsinga yasobanuye ko urwibutso rwabanje gushyingurwamo imibiri y'Abatutsi bari batuye mu cyahoze ari Komini ya Runda na Taba, nyuma aho Akarere ka Kamonyi kaguriwe imbago rukaza gushyingurwamo abandi bahoze bashyinguye mu gice cya Kayenzi, Musambira na Kayumbu, ariko kuri uwo munsi bakaba baherekeje n'abo mu yindi Mirenge yavuzwe haruguru. Yavuze kandi ko umwaka utaha hazinukwa n'imiryango yazimye.

Bamwe mu ba depite bari bitabiriye igikorwa: uhereye ibumoso, Depite Berthe Mujawamariya na Depite Kalisa Evariste bari kumwe n'uwari intumwa ya CNLG Gatabazi Claver.

Visi perezida wa Ibuka nawe yashimye abakijije Abatutsi bahigwaga, asaba abaturage ko bagaragaza n'abandi bagize uwo mutima wa kimuntu wo gukiza abandi, kugira ngo bashimirwe, yibutsa ko abacitse ku icumu bagifite ibibazo, avuga ibibazo by'imitungo yabo yigarurirwa n'abandi, iby'imitungo basahuwe muri Jenoside batsindiye muri Gacaca, ariko inzego z'ibanze zimwe na zimwe zikaba ziburizamo imihango igamije kuyibasubiza cyangwa kuyishyura, asaba abayobozi koibyo bintu babihagurukira.

Mu ijambo risoza imihango, bwana Rugege yashimye ukuntu uwo munsi witabiriwe n'abantu benshi, abaje kwibuka abasanzwe bashyinguye mu rwibutsorwa Kamonyi, n'abaje guherekeza ababo. Yashimye abatanze ubuhamya ashishikariza n'abandi bafite ubuhamya "kubutanga bukandikwa tukamenya neza ibyabaye mu Rwanda". Yakomeje agira ati "umunsi nk'uyu (wo kwibuka) utuma dusubiza amaso inyuma tukareba icyateye Jenoside, utuma kandi dutekereza uko twahangana n'ingaruka zatewe na Jenoside yakorewe Abatutsi, ugatuma dutekereza ku ngaba zirambye kugira ngo ibyabaye bitazongera kuba mu Rwanda". Avuga ko ari ngombwa ko habaho umunsi nk'uwo abantu bahurira ku nzibutso, bikababera umwanya wo guhumuriza, gufata mu mugongo no kwihanganisha abarokotse ayo mahano. Yavuze ko Leta yariho yigishije amacakubiri, icamo ibice abanyarwanda, ariko ko Leta iriho yiyemeje ko ntawe uzongera kuzira uko yaremwe, ko icyo ishyize imbere ari uko abanyarwanda babana mu mahoro.

Agarutse ku nsanganyamatsiko y'uyumwaka yavuzeko ukuri dushaka ari ukuri kugaragaza abakoze Jenoside ngo bahanwe, nta kubahishira, kugaragaza n'aho abishwe muri Jenoside bagiye bajugunywa. Imihango yari yatangiye saa tatu za mugitondo yarangiye mu ma saa cyenda.

Antoine R

DUSHYIGIKIRE UKURI, TWIHESHE AGACIRO